# WOROSOYE UWABYUKAGA.

# RUBYIRUKO KANGUKA BURACYEYE.

CYANDITSWE NA

MUSEKUYE YOHANI
GIHIRA KAYENZI
GITARAMA
C/O B.P. 536 KIGALI

GITARAMA, KAMENA 1984.

# IBILIMO


- Intangiliro.
- Igika cya mbere:

I. NI MUGIHE

I1. Ubutegetsi bwa cyami

I2. Ubutegetsi bwa gikoronize

I3. Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi

I4. Ibikorwa ngangabuzima na ngandurabuzima.

II. U RWANDA NI PARADIZO MULI AFURIKA

III. KUBYARA NI UGUSUBIZA INGOBYI IMUGONGO.

- Igika cya kabili :

I. GUSESENGURA URUBYIRUKO

I1. Ibigero by'abaturarwanda

I2. Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage

I3. Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'Igihugu.

a) Umutungo w'Igihugu ugabanuka

b) Ubukene bw'ababyeyi

c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

- Igika cya gatatu:

Urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura

b) Uburaya bwanze n'ubugome

c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi

d) Mu migi nta milimo.

- Igika cya kane :

I. Umuti se uzabe uwuhe?

a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa

b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe

c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.

d) Ihuliro ly'amashyirahamwe

e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

II. Umwanzuro :

Ubuzima bw'umwanditsi.

# INTANGILIRO.

Si ukubesha, sino gukabya cyangwa guca igikuba; u Rwanda ni kimwe mu bihugu by'Afurika bifite abaturage benshi kandi rukennye. Ndetse ubundi u Rwanda nirwo ruza ku mwanya wa mbere iyo bagenzuye ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$1.
Dore nko mu 1978 kuli $Km^2$1 (1), ubucucike bw'abaturage bwayingayingaga abaturage 183 kuli $Km^2$1.

Ibyo bibazo by'umutungo muke n'ubwiyongere bw'abaturage bukabije, u Rwanda rubihuliyeho n'umuturanyi wacu aliwe Burundi.

Radio zirabivuga, ibinyamakuru birabitangaza, abaturage barajijurwa ubutitsa mu bigo bya Komini bihugura ubutitsa abaturage. Aliko se umuti uzaba uwuhe? Twizere se wa mugani w'abakurambere bacu baciye bagira bati "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira"? Nyamara kandi na none bati " Utifashine ntafashwa n'Imana!"

Ubutegetsi bw'Igihugu cyacu bwakarakaye icyo kibazo aliko umuti ntiwashoboye kubonekaraho. Dutegereze ko umwuka w'Imana uzatumanukira ukaducungura: Oya Imana irafashwa. Ibyiza ni ugukora iyo bwabaga buli muntu ku giti cye hanyuma Imana ikatwunganira itiza umulindi ibyo twakoze.

Nyamara ahali si twe twenyine abanyarwanda turebwa kandi tukaba duhangayikishijwe n'icyo kibazo. Isi yose nayo irakakakakwa. Itewe impungenge n'ibine bili imbere; cyane cyane imibereho y'urubyiruko kuko aliyo mizero n'ingufu nshyashya buli gihugu cyimilije imbere.

Ni nayo mpamvu umulyango w'Abibumbye (O.N.U) wafashe ibyemezo byo kwita Umwaka w'1985 uw'"Urubyiruko ku isi yose!"

Icyo cyemezo sicyo kizamanura "MANU" mu ijuru nk'uko Abisiraheli bayihawe mu gihe bali bageze mu butayu bagana igihugu cy'isezerano, yemwe si nacyo kizatuma umutungo kamere w'u Rwanda wiyongera ngo buli muturarwanda ashobore kubaho neza : alye neza, yambare neza kandi ature heza. Ibyo rero bitwumvisheko kwizihiza uwo mwaka atali ukurenza akaguru ku kandi ngo tulye, tunywe nka wa mutunzi wo muli Bibiliya wabonye ibigega byuzuye akicara ati : "Mutima wanjye nezerwa, ulye, unywe dore ubutunzi mfite ni bwinshi!"
Nkaho yakajije umutego ngo ashobore no gusagulira abandi.

(1) Géographie du Rwanda, GOTANEGRE,TRIOUL ET SILVEN TURVUREN.

Mu by'ukuli bimwe mu myiteguro y'uwo mwaka ni ugukangulira urubyiruko amajyambere y'igihugu rusobanulirwa ibihe bili imbere, ruterw inkunga mu bikorwa bigamije kuruzamura; abakuru, abayobozi n'abategetsi barugira inama ndetse banarusura kugira ngo rudateshukwa inzira iboneye.

Inkuba ikubise umuntu yulira igiti ati "Unsanganiye nali nkwizaniye" n'urubyiruko rw'u Rwanda ruti : "Worosoye uwabyukaga."

IGIKA CYA MBERE.

I. NIMUGIHE.

Abaturarwanda biyongereye cyane byaba ali mu gihe. Hali impamvu nyinshi zitere ubwo bwiyongere. Mulizo twavuga izi zikuliki ra:
- Ubutegetsi : ali ubwa cyami, ali ubwa gikoronize cyangwa se ubwa Demokarasi.
- Gukwililikanya ibikorwa ngengabuzima na ngandurabuzima
- Umuco mwimerere nyarwanda wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko.
- Ijuru lyiza

Mu byerekeye ubutegetsi bwabaye mu Rwanda; kugeza ubu tuziko bulimo ibice bitatu by'ingenzi nk'uko byavuzwe haruguru. Kugirango dushyire ahabona ukuli, dusesengure buli mitegekere turebe aho yaba ihuliye n'ubwinshi bw'abanyarwanda duhereye ku butegetsi bwa cyami:

I1. Ubutegetsi bwa cyami.

Ni ubutegetsi bwanguye u Rwanda. Bwali ubutegetsi buhamye, butajegajega kandi bukalishye mu byerekeye kulinda umutekano w'Igihugu; kurengera no kulinda abanyarwanda igihe cyose ndetse no guhashya abanzi babo. Ahajya kwegera 1091 niho abami bemewe kandi bazwi batangiye gutegeka u Rwanda kandi kuva icyo gihe kugera mu w' 1960, imvugo y'abanyarwanda igaragaza umurava n'ubutwali bw'ingabo yali imwe ngo" u Rwanda ruratera ntiruterwa."

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa cyami, u Rwanda rwashoboye kurengera abana barwo. Intambara rwagiranye n'abaturanyi n'ibitero by'abanzi ntibyahitanye benshi kubera ubuhanga n'imyiteguro ihagije mu byerekeye intambara. Ndetse tutitsiruye twavuga ko mu by'ukuli ku ngoma ya NDAHIRO II CYAMATARE (± 1477 - 1510) alibwo u Rwanda rwatsinzwe ku bulyo bugaragara na NSIBURA NYEBUNGA akarufata imyaka 11 yose ndetse akarutwara n'ingoma y'ubwami ya Rwoga.

.../...

Uretse rero NDAHIRO II CYAMATARE, abandi bami b'u Rwanda bagiye batsindagurana n'abanzi babo. Ibyo rero biratwereka ko uretse abo umwami n'umugabekazi biyiciraga kuko bali bafite ububasha bwo kwica no gukiza, intambara zahitanye bake.

Ntitwakwibagirwa kandi ko ubwo butegetsi bwashoboye gukoma imbere rwose abarabu bali baragambiliye gutunda no gucuruza Abirabura. Abarabu bali barabibuliwe ubuhanga bw'abanyarwanda mu kurashisha umuheto batinya kwinjira mu Rwanda rwagati.

I2. Ubutegetsi bwa gikoronize

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa gikoronize nibwo abanyarwanda bagabanutse intambara zombi z'isi yose (1914 - 1918, 1940 - 1945) aliko ilyo gabanuka lyasimburanaga n'ubwiyongere kubera ubulyo bushya bwo guhaha, gununika imyaka, ubuvuzi bwateye imbere n'umuco wo guhora ukagabanuka.

Kugabanuka kw'abaturage kwatewe ahanini n'inzara z'ibikatu zagiye zitera zigahitana benshi mu banyarwanda.
Reka tuvuge iz'ingenzi :

| | |
|---|---|
| - Muhatigicumuro | : 1890 |
| - Ruyaga | : 1902 - 1903 |
| - Kiramwaramwara | : 1907 - 1908 |
| - Rumanura | : 1915 - 1917 |
| - Gakwege | : 1924 - 1925 |
| - Ruzagayura | : 1940 - 1945 (2) |

I3. <u>Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi.</u>

Intego ya mbere y'ubutegetsi bwa Demokarasi mu Rwanda ni iyo gushaka imibereho myiza y'abatuye igihugu bushakashaka ibyo kubatunga n'umutekano n'amahoro.

Kubera ubutegetsi buhamye kandi bukaze, igihugu cyacu cyagize amahirwe yo kwibera mu mudendezo w'amahoro n'umutekano: nta midugararo; nta ntambara zo hagati mu gihugu cyangwa zo ku mipaka zibaho. Bityo bigatuma abanyarwanda twese twumva tunezerewe kandi abapfa bagahitanwa gusa n'urw'ikirago cyangwa impanuka z'imihanda.

---

(2) - Ubumenyi bw'isi, Amateka, Uburere mboneragihugu, BPERAI B 33
- Gusoma umwaka wa 8, BPERAI P 37.

## II. U Rwanda ni Paradizo muli Afurika.

Igihugu cy'u Rwanda ni gito ugereranyije n'ibindi bihugu by'umugabane w'Afulika. Aliko Imana yagiteretse heza muli uwo mugabane. Uwabaye mu Rwanda ntiyifuza kuba ahandi bitewe n'umwuk mwiza, ibihe by'izuba n'imvura bisimburana neza Imana yihereye icyo gunugu.

Iyo miterere y'ikirere, iliyo juru lyiza kiglira, ubwo bushyuhe n'ubukonje biboneyeye ubuzima, butuma uburumbuke ku babyeyi b'Abanyarwandakazi buruta ubwo mu bindi bihugu. Bityo abanyarwanda bakoro roka vuba

Ibyo ntitwakwilinda kubitindaho ONAPO (3) ibisobanura buli gihe. Uwaba ashidikanya anyarukilize ijisho ku murenge w'iwabo arebe abana bonka bahali, arebe n'inshuke zikina ziseka ku miharuro ya buli rugo.

## III. Kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo.

Uwo mugani w'abanyarwanda uratwumvisha ko urubyaro ali umutungo ukomeye; ali icyifuzo cya buli wese.
Umuco nyarwanda kamere wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko, kwicungura umilimo mibi no gutebya abanzi bakwigimbaga. Imvugo z'abanyarwanda zerekana umunezero w'umubyeyi ni nyinshi. Muli zo twavuga :

- Kwibyara bitera umubyeyi ineza
- Uwabyaye yabyaliye hagali
- Nkora imbwa zanjye zikubye
- Umwanzi ntakabyare
- Urakabyara uheke
- Urakabyara uninguye n'izindi nyinshi...

Icyo gitekerezo cyo hambere ntawavuga ko gishaje aliko cyali gikwiye kuvugwa mu bundi bulyo muli iki gihe.
Keraho byali amahirwe kuko amasambu yo guhinga mo no guturamo yali akibonka. Nonese, n'ubwo ntawanze kubyara ngo agwize, uzabyara batanu ubatungis iki nawe ubwawe n'umugore mutishoboye? Rero ko ngo abana bakuze balirera! Icyo ni igitekerezo gishaje. Yirere se ate adafite aho yihalika utwaka ngo natugulisha yiguliire akenda cyangwa yilihire amafaranga y'ishuli?

(3) ONAPO: (Office National de la Population)Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage.

.../...

Nyamara ONAPO ihora igaragaza ibibazo biterwa n'amasambu make aliho n'ukugunduka kw'imilima ku bulyo buli wese yali akwiye kwuku bita agashyi agatekereza.

Rero ko ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira! "Urataganya se kuzahahira he ko ikibazo cy'urubyiruko giteye impagarara kw'isi yose. Naba n'ibindi bihugu biracyafite uruhengekero kuko bigifite abaturage bacishilije.
None twe ikibazo cyarenze ùrubibi. Umuti se uzabe uwuhe?

Duteze amaso icyo ONAPO n'Umulyango w'Abibumbye (O.N.U) bizageraho. Hagati aha aliko mfite ubwoba ko ikibazo gishobora guhinduka ihulizo litagira igisubizo cyangwa cyaba kinahali kikaba kinyuranyije na kamere-muntu ndetse n'amategeko ya Nyagasa ni. Uhira mu nzu ntaho adakubita imitwe.

Muli make, mbere yo kureba ibindi bibazo by'urubyiruko, tubanze turebe garafiki yerekana ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza ubu na garafiki y'ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$ kuva icyo gihe maze tubone kwisubiza :

| Umwaka | Abaturage | Umwaka | Abaturage. |
|---|---|---|---|
| 1940 | 1 913 322 | 1973 | 4 053 081 |
| 1944 | 1 523 720 | 1974 | 4 143 783 |
| 1950 | 1 954 870 | 1975 | 4 242 604 |
| 1951 | 2 011 561 | 1976 | 4 333 056 |
| 1952 | 2 151 418 | 1977 | 4 390 367 |
| 1953 | 2 211 678 | 1978 | 4 819 317 |
| 1954 | 2 272 732 | 1979 | 4 975 000 |
| 1955 | 2 326 512 | 1980 | 5 136 000 |
| 1956 | 2 390 861 | 1985 | 6 020 000 (4) |
| 1957 | 2 468 449 | | |
| 1958 | 2 551 000 | | |
| 1959 | 2 634 451 | | |
| 1960 | 2 694 990 | | |
| 1961 | 2 784 117 | | |
| 1962 | 2 876 053 | | |
| 1963 | 2 971 000 | | |
| 1964 | 3 069 000 | | |
| 1965 | 3 191 894 | | |
| 1966 | 3 321 706 | | |
| 1967 | 3 415 573 | | |
| 1968 | 3 509 250 | | |

(4) Twiyongere twongera umusaruro P 5.
ONAPO (Icapiro ly'Amashuli Kigali 1981.

| | | |
|---|---|---|
| 1969 | : | 3 622 580 |
| 1970 | : | 3 735 585 |
| 1971 | : | 3 842 055 |
| 1972 | : | 3 930 621 |

( Voir Figure)

Fig. 1: Garafiki y'ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza 1985 + iko ukeka bizaba bimeze mu myaka 15 ili imbere.

| umwaka | Ubucucike /$Km^2$1. |
|---|---|
| 1940 | 73 |
| 1944 | 58 |
| 1950 | 74 |
| 1960 | 102 |
| 1970 | 142 |
| 1980 | 195 |
| 1985 | 229 (5) |

(5) Op.Cit P.5.

(Voir Figure 2)

Fig.2 : Ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$1 kuva mu 1940 kugeza 1985 + intekerezo y'uko bizaba bimeze mu myaka 15 iliiimbere.

Muli make, turabona rero ko :

- Guhera mu 1944 abaturage batahwemye kwiyongera ali nako ubucucike $b_w$abo kuli $km^2$1 bwiyongera.
- Isambu y'umuntu yavuye kuli $m^2$ 136.998 muw'1940 igera kuli $m^2$ 4367 ubu (1984).

Twibaze rero uko urubyiruko ruzamera mu mwaka w'2000 ubwo u Rwanda ruzaba rutuwe n'abantu 9.699.000; kuli $Km^2$1 nali abaturage 368. Ni ukuvuga ko umuturage azaba afite isambu ingana na $m^2$ 2717. Ni intambara nk'indi. Nicyo gituma igihugu cyacu cyali gikw kwibanda kuli icyo kibazo hakili kare kugirango kitazajya kwisama cyarangije gusandara.

.../...

Icyitonderwa : Ingano z'aliya masambu zirerekana k hakili agahenge aliko ntimwiyibagize ko ubuso bw'ibiyaga, ibisozi bireb ibirunga butashyizwe ku ruhande. Ni ukuvuga rero ko zili ngano igihe nt na hamwe mu Rwanda hadashobora guturwa.

## IGIKA CYA KABILI.

### 1. Gusesengura urubyiruko.

Abaturage b'u Rwanda b'abagore bangana na 52 %, abagabo b bakaba 48 %. Iyo dusesenguye dusanga mu bagore halimo : 28% by'abantu bafite umwaka kugeza ku myaka 20 y'amavuko.

- 17 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50
- 7 % bafite hejuru y'imyaka 50.

Ubwo rero abashobora gukora neza bakwirwanaho ni 117% kuko abandi ali abana bato cyane, bakili mu mashuli abandi bakaba udukecuru tw'imbozi.

Iyo dusesenguye abagabo bo, tubasangamo :

- 27 % bafite hagati y'umwaka umwe na 20 y'amavuko
- 15 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50 y'amavuko
- 6 % bafite imyaka ili hejuru y'imyaka 50

Ni ukuvuga ko abashobora gukora neza bakitunga ali 15 %.
Abandi ni abana bato cyane, abandi ni abanyeshuli, abandi ni udusaza tw'imbozi.

Muli rusange rero turabona ko :

- Mu bagore 17 % bagomba gutunga 35 %
- mu bagabo 15 % bagatunga 33 %.

Dufashe ibitsina byombi ubwo 32 % batunga 68 %. Bityo tugasanga ko abaturage b'u Rwanda bagwiliyemo abarya badakora.

(Voir Figure)

### 12. Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage.

Urebye neza wasanga ko abana bavuka mu mwaka ali benshi aliko mulibo hakaba abahitanwa n'indwara z'abana ku bulyo hasigara abajya kwegera 34 %. Ubwo bwiyongere rero butera ingorane nyinshi igihugu guteganya imishinga n'ibizatunga abatuye igihugu, ibikorwa remezo nko gut nya amavuliro,amashuli....

(6) Ubumenyi bw'isi, Amateka, uburere mboneragihugu, BPERAI
P.40.

# WOROSOYE UWABYUKAGA.

==========================================
===================
================

# RUBYIRUKO KANGUKA BURACYEYE.

=======================================
==============================
===================

CYANDITSWE NA

MUSEKUYE YOHANI
GIHIRA KAYENZI
GITARAMA
C/O B.P. 536 KIGALI

GITARAMA, KAMENA 1984.

# IBILIMO

- Intangiliro.
- Igika cya mbere:

I. NI MUGIHE

I1. Ubutegetsi bwa cyami
I2. Ubutegetsi bwa gikoronize
I3. Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi
I4. Ibikorwa ngangabuzima na ngandurabuzima.

II.U RWANDA NI PARADIZO MULI AFURIKA

III.KUBYARA NI UGUSUBIZA INGOBYI IMUGONGO.

- Igika cya kabili :

I.GUSESENGURA URUBYIRUKO

I1.Ibigero by'abaturarwanda
I2.Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage
I3.Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'Igihugu.

a) Umutungo w'Igihugu ugabanuka
b) Ubukene bw'ababyeyi
c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

- Igika cya gatatu:

Urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura
b) Uburaya bwanze n'ubugome
c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi
d) Mu migi nta milimo.

- Igika cya kane :

I. Umuti se uzabe uwuhe?

a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa
b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe
c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.
d) Ihuliro ly'amashyirahamwe
e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

II. Umwanzuro :

Ubuzima bw'umwanditsi.

# INTANGILIRO.

Si ukubesha, sino gukabya cyangwa guca igikuba; u Rwanda ni kimwe mu bihugu by'Afurika bifite abaturage benshi kandi rukennye. Ndetse ubundi u Rwanda nirwo ruza ku mwanya wa mbere iyo bagenzuye ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$1.
Dore nko mu 1978 kuli $Km^2$1 (1), ubucucike bw'abaturage bwayingayingaga abaturage 183 kuli $Km^2$1.

Ibyo bibazo by'umutungo muke n'ubwiyongere bw'abaturage bukabije, u Rwanda rubihuliyeho n'umuturanyi wacu aliwe Burundi.

Radio zirabivuga, ibinyamakuru birabitangaza, abaturage barajijurwa ubutitsa mu bigo bya Komini bihugura ubutitsa abaturage. Aliko se umuti uzaba uwuhe? Twizere se wa mugani w'abakurambere bacu baciye bagira bati "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira"? Nyamara kandi na none bati " Utifashine ntafashwa n'Imana."

Ubutegetsi bw'Igihugu cyacu bwakarakaye icyo kibazo aliko umuti ntiwashoboye kubonekeraho. Dutegereze ko umwuka w'Imana uzatumanukira ukaducungura: Oya Imana irafashwa. Ibyiza ni ugukora iyo bwababaga buli muntu ku giti cye hanyuma Imana ikatwunganira itiza umulindi ibyo twakoze.

Nyamara ahali si twe twenyine abanyarwanda turebwa kandi tukaba duhangayikishijwe n'icyo kibazo. Isi yose nayo irakakakakwa. Itewe impungenge n'ibine bili imbere; cyane cyane imibereho y'urubyiruko kuko aliyo mizero n'ingufu nshyashya buli gihugu cyimilije imbere.

Ni nayo mpamvu umulyango w'Abibumbye (O.N.U) wafashe ibyemezo byo kwita Umwaka w'1985 uw'"Urubyiruko ku isi yose."

Icyo cyemezo sicyo kizamanura "MANU" mu ijuru nk'uko Abisiraheli bayihawe mu gihe bali bageze mu butayu bagana igihugu cy'isezerano, yemwe si nacyo kizatuma umutungo kamere w'u Rwanda wiyongera ngo buli muturarwanda ashobore kubaho neza : alye neza, yambare neza kandi ature neza. Ibyo rero bitwumvisheko kwizihiza uwo mwaka atali ukurenza akaguru ku kandi ngo tulye, tunywe nka wa mutunzi wo muli Bibiliya wabonye ibigega byuzuye akicara ati : "Mutima wanjye nezerwa, ulye, unywe dore ubutunzi mfite ni bwinshi." Nkaho yakajije umurego ngo ashobore no gusagulira abandi.

---

(1) Géographie du Rwanda, GOTANEGRE,TRIOUL ET SILVEN TURVUREN.

.../...

Mu by'ukuli bimwe mu myiteguro y'uwo mwaka ni ugukangulira urubyiruko amajyambere y'igihugu rusobanulirwa ibihe bili imbere, ruterw inkunga mu bikorwa bigamije kuruzamura; abakuru, abayobozi n'abategetsi barugira inama ndetse banarusura kugira ngo rudateshukwa inzira iboneye.

Inkuba ikubise umuntu yulira igiti ati "Unsanganiye nali nkwizaniye" n'urubyiruko rw'u Rwanda ruti : "Worosoye uwabyukaga!"

## IGIKA CYA MBERE.

### I. NIMUGIHE.

Abaturarwanda biyongereye cyane byaba ali mu gihe. Hali impamvu nyinshi zitere ubwo bwiyongere. Mulizo twavuga izi zikulikira:

- Ubutegetsi : ali ubwa cyami, ali ubwa gikoronize cyangwa se ubwa Demokarasi.
- Gukwililikanya ibikorwa ngengabuzima na ngandurabuzima
- Umuco mwimerere nyarwanda wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko.
- Ijuru lyiza

Mu byerekeye ubutegetsi bwabaye mu Rwanda; kugeza ubu tuziko bulimo ibice bitatu by'ingenzi nk'uko byavuzwe haruguru. Kugirango dushyire ahabona ukuli, dusesengure buli mitegekere turebe aho yaba ihuliye n'ubwinshi bw'abanyarwanda duhereye ku butegetsi bwa cyami:

### I1. Ubutegetsi bwa cyami.

Ni ubutegetsi bwanguye u Rwanda. Bwali ubutegetsi buhamye, butajegajega kandi bukalishye mu byerekeye kulinda umutekano w'Igihugu; kurengera no kulinda abanyarwanda igihe cyose ndetse no guhashya abanzi babo. Ahajya kwegera 1091 niho abami bemewe kandi bazwi batangiye gutegeka u Rwanda kandi kuva icyo gihe kugera mu w' 1960, imvugo y'abanyarwanda igaragaza umurava n'ubutwali bw'ingabo yali imwe ngo" u Rwanda ruratera ntiruterwa!"

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa cyami, u Rwanda rwashoboye kurengera abana barwo. Intambara rwagiranye n'abaturanyi n'ibitero by'abanzi ntibyahitanye benshi kubera ubuhanga n'imyiteguro ihagije mu byerekeye intambara. Ndetse tutitsiruye twavuga ko mu by'ukuli ku ngoma ya NDAHIRO II CYAMATARE (± 1477 - 1510) alibwo u Rwanda rwatsinzwe ku bulyo bugaragara na NSIBURA NYEBUNGA akarufata imyaka 11 yose ndetse akarutwara n'ingoma y'ubwami ya Rwoga.

Uretse rero NDAHIRO II CYAMATARE, abandi bami b'u Rwanda bagiye batsindagurana n'abanzi babo. Ibyo rero biratwereka ko uretse abo umwami n'umugabekazi biyiciraga kuko bali bafite ububasha bwo kwica no gukiza, intambara zahitanye bake.

Ntitwakwibagirwa kandi ko ubwo butegetsi bwashoboye gukoma imbere rwose abarabu bali baragambiliye gutunda no gucuruza Abirabura. Abarabu bali barabibuliwe ubuhanga bw'abanyarwanda mu kurashisha umuheto batinya kwinjira mu Rwanda rwagati.

12. Ubutegetsi bwa gikoronize

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa gikoronize nibwo abanyarwanda bagabanutse intambara zombi z'isi yose (1914 - 1918, 1940 - 1945) aliko ilyo gabanuka lyasimburanaga n'ubwiyongere kubera ubulyo bushya bwo guhaha, gununika imyaka, ubuvuzi bwateye imbere n'umuco wo guhora ukagabanuka.

Kugabanuka kw'abaturage kwatewe ahanini n'inzara z'ibikatu zagiye zitera zigahitana benshi mu banyarwanda.
Reka tuvuge iz'ingenzi :

- Muhatigicumuro : 1890
- Ruyaga : 1902 - 1903
- Kiramwaramwara : 1907 - 1908
- Rumanura : 1915 - 1917
- Gakwege : 1924 - 1925
- Ruzagayura : 1940 - 1945 (2)

13. Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi.

Intego ya mbere y'ubutegetsi bwa Demokarasi mu Rwanda ni iyo gushaka imibereho myiza y'abatuye igihugu bushakashaka ibyo kubatunga n'umutekano n'amahoro.

Kubera ubutegetsi buhamye kandi bukaze, igihugu cyacu cyagize amahirwe yo kwibera mu mudendezo w'amahoro n'umutekano: nta midugararo; nta ntambara zo hagati mu gihugu cyangwa zo ku mipaka zibaho. Bityo bigatuma abanyarwanda twese twumva tunezerewe kandi abapfa bagahitanwa gusa n'urw'ikirago cyangwa impanuka z'imihanda.

---

(2) - Ubumenyi bw'isi, Amateka, Uburere mboneragihugu, BPERAI B 33
- Gusoma umwaka wa 8, BPERAI P 37.

.../...

## II. U Rwanda ni Paradizo muli Afurika.

Igihugu cy'u Rwanda ni gito ugereranyije n'ibindi bihugu by'umugabane w'Afulika. Aliko Imana yagiteretse heza muli uwo mugabane. Uwabaye mu Rwanda ntiyifuza kuba ahandi bitewe n'umwul mwiza, ibihe by'izuba n'imvura bisimburana neza Imana yihereye icyo guhugu.

Iyo miterere y'ikirere, ilyo juru lyiza kiglira, ubwo bushyuhe n'ubukonje biboneréye ubuzima, butuma uburumbuke ku babyeyi b'Abanyarwandakazi buruta ubwo mu bindi bihugu. Bityo abanyarwanda bakoro roka vuba

Ibyo ntitwakwilinda kubitindaho ONAPO (3) ibisobanura buli gihe. Uwaba ashidikanya anyarukilize ijisho ku murenge w'iwabo arebe abana bonka bahali, arebe n'inshuke zikina ziseka ku miharuro ya buli rugo.

## III. Kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo.

Uwo mugani w'abanyarwanda uratwumvisha ko urubyaro ali umutungo ukomeye; ali icyifuzo cya buli wese.
Umuco nyarwanda kamere wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko, kwicungura umilimo mibi no gutebya abanzi bakwigimbaga. Imvugo z'abanyarwanda zerekana umunezero w'umubyeyi ni nyinshi. Muli zo twavuga :
- Kwibyara bitera umubyeyi ineza
- Uwabyaye yabyaliye hagali
- Nkora imbwa zanjye zikubye
- Umwanzi ntakabyare
- Urakabyara uheke
- Urakabyara uninguye n'izindi nyinshi...

Icyo gitekerezo cyo hambere ntawavuga ko gishaje aliko cyali gikwiye kuvugwa mu bundi bulyo muli iki gihe.
Keraho byali amahirwe kuko amasambu yo guhinga mo no guturamo yali akibonka. Nonese, n'ubwo ntawanze kubyara ngo agwize, uzabyara batanu ubatungis iki nawe ubwawe n'umugore mutishoboye? Rero ko ngo abana bakuze balirera! Icyo ni igitekerezo gishaje. Yirere se ate adafite aho yihalika utwaka ngo natugulisha yigulire akenda cyangwa yilihire amafaranga y'ishuli?

---

(3) ONAPO: (Office National de la Population)Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage.

.../...

Nyamara ONAPO ihora igaragaza ibibazo biterwa n'amasa-mbu make aliho n'ukugunduka kw'imilima ku bulyo buli wese yali akwiye kwuku bita agashyi agatekereza.

Rero ko ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira! "Urataganya se kuzahahira he ko ikibazo cy'urubyiruko giteye impagarara kw'isi yose. Naba n'ibindi bihugu biracyafite uruhengekero kuko bigifite abaturage bacishilije.
None twe ikibazo cyarenze urubibi. Umuti se uzabe uwuhe?

Duteze amaso icyo ONAPO n'Umulyango w'Abibumbye (O.N.U) bizageraho. Hagati aha aliko mfite ubwoba ko ikibazo gishobora guhinduka ihulizo litagira igisubizo cyangwa cyaba kinahali kikaba kinyura-nyije na kamere-muntu ndetse n'amategeko ya Nyagasa ni. Uhira mu nzu ntaho adakubita imitwe.

Muli make, mbere yo kureba ibindi bibazo by'urubyi-ruko, tubanze turebe garafiki yerekana ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza ubu na garafiki y'ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$ kuva icyo gihe maze tubone kwisubiza :

| Umwaka | Abaturage | Umwaka | Abaturage. |
|---|---|---|---|
| 1940 | 1 913 322 | 1973 | 4 053 081 |
| 1944 | 1 523 720 | 1974 | 4 143 783 |
| 1950 | 1 954 870 | 1975 | 4 242 604 |
| 1951 | 2 011 561 | 1976 | 4 333 056 |
| 1952 | 2 151 418 | 1977 | 4 390 367 |
| 1953 | 2 211 678 | 1978 | 4 819 317 |
| 1954 | 2 272 732 | 1979 | 4 975 000 |
| 1955 | 2 326 512 | 1980 | 5 136 000 |
| 1956 | 2 390 861 | 1985 | 6 020 000 (4) |
| 1957 | 2 468 449 | | |
| 1958 | 2 551 000 | | |
| 1959 | 2 634 451 | | |
| 1960 | 2 694 990 | | |
| 1961 | 2 784 117 | | |
| 1962 | 2 876 053 | | |
| 1963 | 2 971 000 | | |
| 1964 | 3 069 000 | | |
| 1965 | 3 191 894 | | |
| 1966 | 3 321 706 | | |
| 1967 | 3 415 573 | | |
| 1968 | 3 509 250 | | |

(4) Twiyongere twongera umusaruro P 5.
ONAPO (Icapiro ly'Amashuli Kigali 1981.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1969 | : | 3 | 622 | 580 |
| 1970 | : | 3 | 735 | 585 |
| 1971 | : | 3 | 842 | 055 |
| 1972 | : | 3 | 930 | 621 |

( Voir Figure)

Fig. 1: Garafiki y'ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza 1985 + iko ukeka bizaba bimeze mu myaka 15 ili imbere.

| Umwaka | Ubucucike /Km$^2$1. |
|---|---|
| 1940 | 73 |
| 1944 | 58 |
| 1950 | 74 |
| 1960 | 102 |
| 1970 | 142 |
| 1980 | 195 |
| 1985 | 229 (5) |

(5) Op.Cit P.5.

(Voir Figure 2)

Fig.2 : Ubucucike bw'abaturage kuli Km$^2$1 kuva mu 1940 kugeza 1985 + intekerezo y'uko bizaba bimeze mu myaka 15 iliimbere.

Muli make, turabona rero ko :

- Guhera mu 1944 abaturage batahwemye kwiyongera ali nako ubucucike b$_w$abo kuli km$^2$1 bwiyongera.
- Isambu y'umuntu yavuye kuli m$^2$ 136.998 muw'1940 igera kuli m$^2$ 4367 ubu (1984).

Twibaze rero uko urubyiruko ruzamera mu mwaka w'2000 ubwo u Rwanda ruzaba rutuwe n'abantu 9.699.000; kuli Km$^2$1 hali abaturage 360. Ni ukuvuga ko umuturage azaba afite isambu ingana na m$^2$ 2717. Ni intambara nk'indi. Nicyo gituma igihugu cyacu cyali gikwiye kwibanda kuli icyo kibazo hakili kare kugirango kitazajya kwisama cyarangije gusandara.

Icyitonderwa : Ingano z'aliya masambu zirerekana k
hakili agahenge aliko ntimwiyibagize ko ubuso bw'ibiyaga, ibisozi bireb
ibirunga butashyizwe ku ruhande. Ni ukuvuga rero ko zili ngano igihe nt
na hamwe mu Rwanda hadashobora guturwa.

## IGIKA CYA KABILI.

### 1. Gusesengura urubyiruko.

Abaturage b'u Rwanda b'abagore bangana na 52 %, abagabo b
bakaba 48 %. Iyo dusesenguye dusanga mu bagore halimo : 28% by'abantu
bafite umwaka kugeza ku myaka 20 y'amavuko.

- 17 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50
- 7 % bafite hejuru y'imyaka 50.

Ubwo rero abashobora gukora neza bakwirwanaho ni 117% kuko abandi ali abana bato cyane, bakili mu mashuli abandi bakaba udukecuru tw'imbozi.

Iyo dusesenguye abagabo bo, tubasangamo :

- 27 % bafite hagati y'umwaka umwe na 20 y'amavuko
- 15 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50 y'amavuko
- 6 % bafite imyaka ili hejuru y'imyaka 50

Ni ukuvuga ko abashobora gukora neza bakitunga ali 15 %.
Abandi ni abana bato cyane, abandi ni abanyeshuli, abandi ni udusaza tw'imbozi.

Muli rusange rero turabona ko :

- Mu bagore 17 % bagomba gutunga 35 %
- mu bagabo 15 % bagatunga 33 %.

Dufashe ibitsina byombi ubwo 32 % batunga 68 %. Bityo tugasanga ko abaturage b'u Rwanda bagwiliyemo abarya badakora.

(Voir Figure)

### 12. Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage.

Urebye neza wasanga ko abana bavuka mu mwaka ali
benshi aliko mulibo hakaba abahitanwa n'indwara z'abana ku bulyo hasigara
abajya kwegera 34 %. Ubwo bwiyongere rero butera ingorane nyinshi igihugu
guteganya imishinga n'ibizatunga abatuye igihugu, ibikorwa remezo nko gut
nya amavuliro,amashuli....

(6) Ubumenyi bw'isi, Amateka, uburere mbonera gihugu, BTERAI
P.40.

Kubireba u Rwanda, twavuga ko kubera iliya mibare y'abana bavuka baba abakobwa cyangwa abahungu, abaturage b'u Rwanda bigan mo abalya aliko badakora. Reba nawe dushatse indinganizi y'abana bali hag y'imyaka 1 na 20 y'amavuko twabona : $\frac{28\ \% + 27\ \%}{2} = 22,5\ \%$ y'abana batarag agatege ko kugira icyo bakora cyangwa bali mu mashuli (twibuke ko umwan wize neza arangiza amashuli abanza afite imyaka 15).

Ingaruka rero ni nyinshi. Mulizo twavuga :

a) Umutungo w'igihugu ugabanuka

b) Ubukene $b_w$'ababyeyi

c) Indwara zituruka ku milire mibi.

13. <u>Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'igihugu</u>.

a) <u>Umutungo w'igihugu ugabanuka</u>.

Ntituyobewe twese ko ibikorwa bituzanira amafara aremereye y'amahanga ali bike cyane mu Rwanda ndavuga nk'ibyoherezwa mu mahanga nka kawa, icyayi, kenkina ndetse n'ibireti. Ndetse ahubwo urebye wasanga ibili amambu nabyo hali aho bikenesha u Rwanda. Aliko se rugire r ndavuga ko gushora amafaranga mu buhinzi bwa kawa yamara kwera tukoherere bene inda nziza ngo badufashe kuyitunganya maze iyo nyalyenge zikitwalira umushongi zikatwoherereza ibisigazwa. Hali uyobewe se yuko kugirango beme kudufasha mu mushinga uyu n'uyu ali uko baba babonyemo nibura inyungu ya 50 %? Hali umushinga se bali batwemerera gutera inkunga batohereje ibikuk by'iwabo bizawunyunyuza wamara gukamukamo umutungo bagafata indege bakajy ahandi? Ibyo rero byereke urubyiruko ko nirudahaguruka ngo ruhagarare, ng rukora rutizigama rushaka ibizarutunga mu minsi ili imbere, ruzagwa mu mutego rwiteze ubwarwo.

Dusubiye kuli ruliya rugero rwa kawa, urabona rwc aliyo yatunga 9.699.000 mu mwaka w'2000 ? Niyo u Rwanda barutera rwose ikawa! Sindagura ndacuna.

U Rwanda ni umubyeyi. Rugerageza kugabanya tuliya duhendwabana (50%) dusigaye abana barwo. Ubwo se urabona uretse no kuboge bose bazakwirwa nibura bagasunutsa izuru ku ikawa bahinga ngo bumve uko ilyoha? Kugabulira abana ntibahaga niko kubatera umururumba n'ubusambo. Aliko se twigire dute? Ubuze uko agira agwa neza. Dukore aliko dukomeze no guhanga amaso mu ijuru.

Rubyiruko kanguka buracyeye. Tunganya inzira uzanyuramo ibibazo bitarakurenga aho kumera nk'ifuku icukura umwobo isiba a ivuye. Urabona u Rwanda ruzabigenza gute ngo rwubake amashuli ushaka, amavuliro uzavulirwamo, umuhanda uzagendamo n'utarufasha? Ngo"uko zivuze nyamahembe".

.../...

b) Ubukene bw'ababyeyi.

Ukubyara abana benshi, cyane cyane indahekana bishajisha ababyeyi imburagihe kuko gutwita hato na hato no guhahira utwo twana tuli mu kigero kimwe; kubashakira ibyo bambara, ibikoresho by'ishuli no kubajyana kwa muganga barwaye ntibyoroshye.

Ibyo byose rero birangaza umubyeyi limwe na limwe bigatuma arara ihinga. Bityo inzara igatera mu rugo. Igihe yivgira mu kirambi ubukene bwo bukaba buvugiliza ku mulyango.

Dufate urugero rugaragara ku mukozi wa Leta wo mu kigero cyo hagati (cadre moyen) uhembwa Fr 13.630; akagira n'umugore udafite akazi ka Leta. Ibibazo azaba afite ali umusore, amaze no kurongora, amaze kubyara si bimwe. Dutange gusa urugero ku migendekere y'umushahara we.

| Ikigero | Umusore | Amaze kurongora | Umwana 1 | Abana 2 |
|---|---|---|---|---|
| Umutungo/ buli kwezi | 13.630 | 6.815 | 4.543 | 3.407 |

Aha rero biragaragara ko ububasha bwo guhaha bw'uliya mukozi bugenda bugabanuka igihe cyose yungutse umwana kuzamara imyaka makumyabili nibura kugira ngo mu rubyaro rwe habe halimo abashobora kwirwanaho. Musore rero nawe nkumi, mumenye ko ubuzima bwanyu ali mwe bureba; ko kandi "agakoni k'iminsi gacibwa kare kandi kakabikwa kure".

c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

Ubuzima bwiza bw'abaturage ni imwe mu nkingi z'amajyambere y'igihugu icyo alicyo cyose. Kugira ngo umuntu ashobore gukora ni uko aba yumva amerewe neza mu nda. Babivuze ukuli ko "halima ikili munda".

Mu bihugu cy'Afurika byinshi imilire iracyateye ibibazo. Reka indwara ziyikomokaho abantu zihitana ntibagira ingano. Iyo zitabahitanye zibagira ibisenzegeli ku bulyo ntacyo bashobora kwimalira. Bityo rero igihugu kigatakaza ingufu zagombye ku kizamura.

Muli rusange, ibihugu byinshi by'Afurika yirabura bifata igaburo lishingiye cyane cyane ku binyamafufu n'ibinyampeke. N'ubwo bitera imbaraga ntibirwanya indwara; bityo bigatuma amizero y'ubuzima y'Abanyafurika nyamwinshi aba magufi. Mu Rwanda ayo mizero ubu ni imyaka 56.

.../...

u Rwanda kandi rutinishe ibyo bibazo by'imilire mibi ruhuliyeho n'abaturanyi ntako rwagira ngo rutunganye igaburo lya buli wese uretse gusa kubahugu ubutitsa mu bigo mbonezamilire.

Mu Rwanda amasambu yarabuze. uretse n'ayo guhingamo imyaka ku bulyo burambuye n'aho gushyira ubusitani harabuze. Ubutaka bwarashaje ku bulyo ibihingwa bimwe bitakimera. Si urutoki, ibijumba n'imyumbati dusigaye ducungiraho! Mu minsi itaha ubwo intambara y'amasambu izaba yabaye ndende ni ukulya umukungugu tukikuza umuyaga kuko gutungwa n'ubuntu $b_w$'Imana gusa byo bidashoboka.

## IGIKA CYA GATATU.

### urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

Nta butunzi busigaye. Ibyo guhinga byo byabaye akaheze nk'amahembe y'imbwa. Ubuzima $b_w$'urubyiruko buragerwa ku mashyi. Ubu kuli rwo "mpemuke ndamuke " yabaye intego ya buli wese.

None se urubyiruko rushaka kubaho rutavunitse, urubyiruko rwandujwe n'abo hakulya n'amazi magali rukore iki uretse :

a) ubucuruzi bwanze no guteka imitwe n'ubujura;
b) uburaya bwanze n'ubugome;
c) ububandi bujyane n'ubwicanyi;
d) kwirukira imigi rutahagira imilimo;

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura.

Sinakwilirwa mbivugaho byinshi kuko bigaragalira buli wese ubu umushwi urasohoka mu igi ubika busake nk'uko ubucuruzi bwigaruliye imitima y'urubyiruko rw'ubu. Ngo rurashaka gukira vuba rushoye amagambo gus

Mu masoko, mu migi usigaye usanga abasore b'intarumikwa n'abana b'ibitambambuga bilirwa basibana inyuma y'abagenzi bigendera babingingira kugura agatabi, agatenge, ibitambaro, amasogisi, inigi n'imigati bitagira igiciro.

Iyo bakubonanye amafaranga, kubikiza biragoye. Barakwinginga bigatinda kandi aliko bagusimburanwaho. Ahubwo twibaze aho bakura ibyo bintu batangira ibiciro bito cyane kuli kaliya kageni. Mu guteka imitwe no mu bujura nta kindi. Nawe se kugura igitambaro cya Fr 300 kandi mu maduka kigura Fr 1500 ubwo aba yarabiranguye ahagana he;

.../...

Ku bakobwa bo ntakibazo. Agufatira inzu y'icyumba kimwe imfuruka yo haruguru akahashyira igitanda gikingilijwe n'akenda, mu mirambizo akahashyira igaziye y'inzoga imbabura yo kotsa ibitoki n'ingo ma maze inzu y'icyumba kimwe ikaba ibaye mu gihe kimwe aho kwicira isal ikirabo kandi akanayibamo.

Ba "Shangazi" nabo ntibatanzwe aliko bo tube tubihoreye kuko igihe cyabo kitaragera cyo kubavugaho. Ali "Mutarambirwa "musore; ali "Kareshyabaguzi" nkumi na Maralibonye "Shangazi" intego yabo ni imwe: kukurangaza bakagucomora.

b) Uburaya bwanze n'ubugome.

Ya mazu navuze n'ibicurulizwamo si byo byatunga umwana w'umukobwa i Kigali : ngo alye, yambare neza nk'uko tubabona bakengerana mu myenda myiza kandi ngo alihe n'inzu buli kwezi. Ibyo navuze dusanga muli ayo mazu ni ibyo gukurura "abakiliya" (nk'uko babita) ngo nyamukobwa ashoboye kunywa izo ataguze, kulya ibyo atalishye, bityo abe arenza umunsi.

Nyamara uburaya bulimo n'ubugome kuko iyo abagabo bahahuliye intambara irarota ingwagwane ikahagwa kandi nyirahsyano akabyigurutsa. Numvise ko hasigaye hali n'abatendeka abagabo nka bimwe byo mu modoka zitwara abagenzi. Niko wa mukobwa we, ubwo urumva ibiro utesheje uwo muhanga ubundi ugenewe abashakanye?

c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi.

Nyakugorwa " Mutarambirwa" wiliwe ubusa, udafite n'ubundi bulyo bwo kubaho nka mushiki we "Kareshyabaguzi" nta kindi agomba gukora. Kuburara kandi hali abaraye bahaze ndetse bakaraza! Bishoboka bite kandi "Gatalina"ihali?

Iyo adateye mu rugo ategera mu mayira. Umugenzi wawuramukanye yahita akamushinga intoki mu mihoro igihe ingoto ikigaragura hasi n'igihogo gihilita, imifuka yose akaba yayisatse maze hakanduruka umuhungu.

Musore rero nawe nkumi, mumenyeko n'ubutegetsi buli maso. Mwakwemeye mukalya ibyo mwiyuhiye akuya aho gushimishwa n'ubw'abandi! " Amerwe y'icyiyoni yagiteye kwimena inda."

.../...

d) Nabize za Kaminuza barashobewe ntibakibona imilimo ako kanya nkanswe wowe wanyarutse ikigoroba. Ushatse ntiwakwilirwa wiyumya ngo ugiye gushaka akazi mu mugi. Ihingire kandi worore uzajye ujya mu mugi imifuka iremereye uhahirane n'ababayo.

## IGIKA CYA KANE.

### I. UMUTI SE UZABE UWUHE?

Kubona umuti w'ibibazo by'urubyiruko ntibyoroshye na busa. Icyakora ONAPO ishoboye kumvisha abaturage ko bagomba kubyara abo bashoboye kurera byaba ali ubuhoro kuko ipfundo ly'ibibazo ali aho lili. Tuyiteze amaso rero.

Kuvuga aliko ni ugutaruka. Mu by'ukuli ONAPO izahura n'ibibazo byo kurandura mu banyarwanda umuco wa kera wo kuvuga ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira", ngo nibakura bazirwanaho cyangwa bazataralire mu bihugu duturanye. Ibyo ni ubwenge bucye cyane. Icyakora abagitekereza batyo bamenye ko bakorera igihugu umusaraba kitazitura.

Icyakora igihugu nacyo gifite uruhare runini mu mitunganyilize y'ibibazo by'urubyiruko. Leta igomba:

a) gushyiraho amategeko ashyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko cyane cyane mu kigega cy'ubwishingire (Fonds de garantie) n'ikigega gitsura amajyambere.
b) gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko iyagabanyiliza amahoro n'imisoro.
c) Kugira uruhare mu mashyirahamwe y'urubyiruko no kuyafasha gucunga umutungo wayo neza.
d) gushyiraho ihuliro ly'amashyirahamwe.
e) gushakira amashyirahamwe amasoko.

#### a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa.

Hali ubwo mu gihugu havuka amashyirahamwe adafite amategeko ayagenga cyangwa yaba ayafite akaba ataligeze yigwa neza ngo anononsorwe cyangwa ishyirahamwe likavuka kubera igihe iki n'iki (igulishwa lya kawa) ubundi ligahita lizimira.

Iyo urubyiruko rubona amashyirahamwe nk'ayo avuka uyu munsi ejo akaba yasenyutse rucika intege n'uwali ufite igitekerezo cyo gushyirahamwe n'abagenzi be bikayoyoka.

.../...

Ikindi kandi Leta yalikwiye kubanza gusuzuma imigamb imikorere, umutungo shingiro w'ishyirahamwe maze ikabona gutanga uruhush rwo gutangira naho ubundi amashyirahamwe azakomeza gusenywa n'urungabangabo ahoramo.

Igihe Leta yise neza imigambi y'ishyirahamwe ili n'i imikorere n'umutungo walyo, umubare w'abanyamulyango yali ikwiye kuba umwishingizi walyo kugira ngo lishobore kubona inguzanyo vuba mu kigega cy'ubwishingizi cyangwa mu kigega cy'u Rwanda gitsura amajyambere; kimwe nuko Leta yali ikwiye kwihutira guha amashyirahamwe yabisabye ubuzima gatozi.

b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe.

Ubusanzwe amahoro n'imisoro byakirwa kugira ngo nyirukwinjiza ibintu mu gihugu, nyirukubicuruza atikilira wenyine akandamiza umuguzi uzamuguraho. Iba kandi igirango ayo mafaranga azagoboke igihugu mu zindi nzego zimeze nabi. Nyamara intego ya buli shyirahamwe ni ugushakira abaligize, akarere lilimo ubulyo bworoshye kandi bwe mewe bwo kubaho neza. Iyo ntego rero ntaho itandukaniye n'ibyo igihugu cyifuza, gishakira buli muntu wese ugituye.

Indi ntego ikomeye buli shyirahamwe lyiyemeza cyangwa lyali likwiye kwiyemeza ni umurava. Amashyirahamwe azwiho umurava, agami je kuzamura rubanda nyamwinshi akwiye gusonerwa imisoro ikomoka ku nyung kugirango ashobore gutera imbere vuba.

c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.

Umuyobozi wese utagira gikangara alirara agakora ibimuj mu mutwe. Leta iramutse igize uruhare mu mashyirahamwe ikajya igenzura ubwiyongere cyangwa ubugabanuke bw'umutungo nayo byarushaho gushimisha abanyamulyango kandi byatuma n'umulyango urushaho kujya mbere naho ubund usanga abacungamali na ba perezida baligize akaraha kajyahe ndetse bakiyumvikanira bakanyereza umutungo rubanda nyamwinshi bakahagwa.

Umucungamali wese w'ishyirahamwe yagombye kugenzura kand ku bulyo bukaze. Yakubukwaho n'icyaha cyo kunyereza umutungo agafungwa cyangwa ugakurwa mu bye. Aho gupfa benshi hapfa umwe.

.../...

Umutungo udakoreshwa (ububiko ) ukwiye gukoranyilizwa mu ihuliro ly'amashyirahamwe kugira ngo mu gihe umulyango uzaba wahombye, kuwesesa no kugabana umutungo byorohe.(liquidation de fonds) kandi ba nyirawo bagire icyo babona. Naho ubundi bitabaye ibyo ni ugukiza umucungamali wic abanyamulyango.

d) Ihuliro ly'amashyirahamwe.

Ihuliro ly'amashyirahamwe lyaba urwego rukuru rw'ubutegetsi buhuliweho n'amashyirahamwe yose: ay'ubuhashyi n'ay'ubukolikoli. Urwo rwego nirwo rwajya rusuganya ibibazo byose by'amashyirahamwe rukabishyikiliza Ministeri ibishinzwe rumaze kwiga neza ibyihutirwa noneho nayo ikabona aho ihera itanga imfashanyo naho ubundi abasaba baba benshi bagatesha umutwe abategetsi ba Ministeri limwe na limwe bikaba byatuma haterwa inkunga ishyirahamwe lizwi kandi wenda atali lyo likennye kurusha ayandi.

Ilyo huliro kandi nilyo lyajyalikoranyilizamo ibicuruzwa by'ubukolikoli, ligashaka amasoko yaba ayo mu gihugu hagati cyangwa ayo mu mahanga aho kunyanyagiza ibintu hilya no hino bituma abaguzi batagira ububasha buhagije bwo guhitamo. Ishyirahamwe ly'ilyo huliro lyatuma Leta ishobora gukulikiranira hafi ukujyambere n'ugusubira inyuma kwa buli shyirahamwe kandi ikamenya impamvu ku bulyo butagoranye cyane.

Nk'uko rero Leta yashyizeho aho amashyirahamwe yihugulira, nirebe n'ubulyo ilyo huliro lyashyirwaho. Niba lisanzweho nilirusheho gutabara urubyiruko lirufasha muli biliya byavuzwe haruguru.

e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

Mu mamulikwa menshi byaragaragaye ko ibikorwa by'amashyirahamwe alibyo bifata igice kinini. Ndetse ndakeka ko tutabonye abanyamahanga twaba twegeranye kwihaza mu bikomoka ku bukolikoli. Leta rero nishake amasoko mu mahanga amadovize yekwinjizwa gusa n'ikawa na cyayi.

Ibyerekeye amashyirahamwe acuruza cyangwa agulisha ibilibwa, ntitwakwilirwa tuyatindaho cyane kuko ntakibazo biratera. Nta n'ibirangilika kubera kubura abaguzi.

II. Umwanzuro:

Kubera ubwiyongere bukabije bw'abanyarwanda butera igihugu ibibazo cyane cyane ibibazo by'urubyiruko rutazabona aho rutura, rwiyandalika kubera gushaka gukira vuba,urubyiruko ruwkiye :

.../...

- Gushakashaka ubulyo bwo kubaho mu minsi ili imbere bulimo umurava nko gukorera hamwe;
- gutega amatwi inama za ONAPO ;
- Kumva vuba umugambi w'igihugu wo gutuza abantu mu midugudu no munsisiro.

Kuberako urubyiruko atali rwo rwisabiye Imana guhura n'ibyo bibazo, Leta ikwiye :

- Kurutera inkunga muli buliya bushakashatwi iha amashyirahamwe inguzanyo, igenzura ibikorwa ikayashakira n'amasoko.
- gushyirahao amategeko agenga imuvukire y'amashyirahamwe;
- guhana abanyereza umutungo w'amashyirahamwe yihanukiliye kandi ikawugaruza;
- gushyirahao ihuliro ly'amashyirahamwe lyungilije Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

Bityo twiyubakire u Rwanda rwatubyaye mu Mahoro n'Ubumwe n'Amajyambere.

## Ubuzima bw'umwanditsi.

MUSEKUYE Yonatani ni umusore w'imyaka 25. Aracyali ingaragu.

Avuka muli Komini KAYENZI ku musozi witwa GIHIRA hafi yo mu GACURABWENGE. Ababyeyi be ni abahinzi.

Amashuli abanza yayize mu GACURABWENGE; ay'isumbuye ayiga mu BYIMANA (BUKOMERO), mu ishuli nderabarezi ly'i SHYOGWE ali naho yarangilije akukanye impamyabushobozi y'imyaka ilindwi (D7). Ubu ni umurezi mu mashuli abanza i NYAKABUYE ho muli KAYENZI.

Yakunze gukorana n'urubyiruko cyane aruyobora, arugira inama, yitegereza ibyo rukora n'ibyo rushaka:

- Guhera 1976 kugeza 1979 yali umubitsi w'umutungo w'umulyango w'abanyeshuli witwa J.E.C. (Jeunesse estudiantine chrétienne).
- guhera 1977 kugeza 1980 yali umukuru w'abanyeshuli bose b'Abaporotesitanti bakomoka mu karere ka REMERA-RUKOMA;
- guhera 1979 kugeza muli Kamena 1980 yali umukuru w'abanyeshuli (nawe yiga i SHYOGWE.

  Iyo milimo yose yakoranye n'urubyiruko niyo yakungahaje ubwenge bwe bikamuviramo n'ikibatsi cy'ubanditsi mu bitabo bye bindi twavuga :

  - Les stigmates
  - Lyaraguye libura gihanura
  - Twese nk'abitsamuye.

Basore rero namwe nkumi, MUSEKUYE ni umwe muli mwe; mwumve inama abagira muli aka gatabo; muzinyuze mu bwenge, muzishungure kugira ngo mwitegulire inzira mu minsi ili imbere.

Mugire amahoro.

MUSEKUYE Yonatani.-

Kubireba u Rwanda, twavuga ko kubera iliya mibare y'abana bavuka baba abakobwa cyangwa abahungu, abaturage b'u Rwanda bigan mo abalya aliko badakora. Reba nawe dushatse indinganizi y'abana bali hag y'imyaka 1 na 20 y'amavuko twabona : $\frac{28\ \% + 27\ \%}{2}$ = 22,5 % y'abana batarag agatege ko kugira icyo bakora cyangwa bali mu mashuli (twibuke ko umwan wize neza arangiza amashuli abanza afite imyaka 15).

Ingaruka rero ni nyinshi. Mulizo twavuga :

a) Umutungo w'igihugu ugabanuka

b) Ubukene $b_w$'ababyeyi

c) Indwara zituruka ku milire mibi.

13. Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'igihugu.

a) Umutungo w'igihugu ugabanuka.

Ntituyobewe twese ko ibikorwa bituzanira amafara aremereye y'amahanga ali bike cyane mu Rwanda ndavuga nk'ibyoherezwa mu mahanga nka kawa, icyayi, kenkina ndetse n'ibireti. Ndetse ahubwo urebye wasanga ibili amambu nabyo hali aho bikenesha u Rwanda. Aliko se rugire r ndavuga ko gushora amafaranga mu buhinzi bwa kawa yamara kwera tukoherere bene inda nziza ngo badufashe kuyitunganya maze iyo nyalyenge zikitwalira umushongi zikatwohererereza ibisigazwa. Hali uyobewe se yuko kugirango beme kudufasha mu mushinga uyu n'uyu ali uko baba babonyemo nibura inyungu ya 50 %? Hali umushinga se bali batwemerera gutera inkunga batohereje ibikuk by'iwabo bizawunyunyuza wamara gukamukamo umutungo bagafata indege bakajy ahandi? Ibyo rero byereke urubyiruko ko nirudahaguruka ngo ruhagarare, ng rukora rutizigama rushaka ibizarutunga mu minsi ili imbere, ruzagwa mu mutego rwiteze ubwarwo.

Dusubiye kuli ruliya rugero rwa kawa, urabona rwo aliyo yatunga 9.699.000 mu mwaka w'2000 ? Niyo u Rwanda barutera rwose ikawa! Sindagura ndacuna.

U Rwanda ni umubyeyi. Rugerageza kugabanya tuliya duhendwabana (50%) dusigaye abana barwo. Ubwo se urabona uretse no kuboge bose bazakwirwa nibura bagasunutsa izuru ku ikawa bahinga ngo bumve uko ilyoha? Kugabulira abana ntibahaga niko kubatera umururumba n'ubusambo. Aliko se twigire dute? Ubuze uko agira agwa neza. Dukore aliko dukomeze no guhanga amaso mu ijuru.

Rubyiruko kanguka buracyeye. Tunganya inzira uza nyuramo ibibazo bitarakurenga aho kumera nk'ifuku icukura umwobo isiba a ivuye. Urabona u Rwanda ruzabigenza gute ngo rwubake amashuli ushaka, amavuliro uzavulirwamo, umuhanda uzagendamo n'utarufasha? Ngo"uko zivuze nyamahembe".

.../...

b) Ubukene bw'ababyeyi.

Ukubyara abana benshi, cyane cyane indahekana bishajisha ababyeyi imburagihe kuko gutwita hato na hato no guhahira utwo twana tuli mu kigero kimwe; kubashakira ibyo bambara, ibikoresho by'ishuli no kubajyana kwa muganga barwaye ntibyoroshye.

Ibyo byose rero birangaza umubyeyi limwe na limwe bigatuma arara ihinga. Bityo inzara igatera mu rugo. Igihe yivgira mu kirambi ubukene bwo bukaba buvugiliza ku mulyango.

Dufate urugero rugaragara ku mukozi wa Leta wo mu kigero cyo hagati (cadre moyen) uhembwa Fr 13.630; akagira n'umugore udafite akazi ka Leta. Ibibazo azaba afite ali umusore, amaze no kurongora, amaze kubyara si bimwe. Dutange gusa urugero ku migendekere y'umushahara we.

| Ikigero | Umusore | Amaze kurongora | Umwana 1 | Abana 2 |
|---|---|---|---|---|
| umutungo/ buli kwezi | 13.630 | 6.815 | 4.543 | 3.407 |

Aha rero biragaragara ko ububasha bwo guhaha bw'uliya mukozi bugenda bugabanuka igihe cyose yungutse umwana kuzamara imyaka makumyabili nibura kugira ngo mu rubyaro rwe habe halimo abashobora kwirwanaho. Musore rero nawe nkumi, mumenye ko ubuzima bwanyu ali mwe bureba; ko kandi "agakoni k'iminsi gacibwa kare kandi kakabikwa kure".

c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

Ubuzima bwiza bw'abaturage ni imwe mu nkingi z'amajyambere y'igihugu icyo alicyo cyose. Kugira ngo umuntu ashobore gukora ni uko aba yumva amerewe neza mu nda. Babivuze ukuli ko "halima ikili munda".

Mu bihugu cy'Afurika byinshi imilire iracyateye ibibazo. Reka indwara ziyikomokaho abantu zihitana ntibagira ingano. Iyo zitabahitanye zibagira ibisenzegeli ku bulyo ntacyo bashobora kwimalira. Bityo rero igihugu kigatakaza ingufu zagombye ku kizamura.

Muli rusange, ibihugu byinshi by'Afurika yirabura bifata igaburo lishingiye cyane cyane ku binyamafufu n'ibinyampeke. N'ubwo bitera imbaraga ntibirwanya indwara; bityo bigatuma amizero y'ubuzima y'Abanyafurika nyamwinshi aba magufi. Mu Rwanda ayo mizero ubu ni imyaka 56.

.../...

u Rwanda kandi rutinishe ibyo bibazo by'imilire mibi ruhuliyeho n'abaturanyi ntako rwagira ngo rutunganye igaburo lya buli wese uretse gusa kubahugu ubutitsa mu bigo mbonezamilire.

Mu Rwanda amasambu yarabuze. uretse n'ayo guhingamo imyaka ku bulyo burambuye n'aho gushyira ubusitani harabuze. Ubutaka bwarashaje ku bulyo ibihingwa bimwe bitakimera. Si urutoki, ibijumba n'imyumbati dusigaye ducungiraho! Mu minsi itaha ubwo intambara y'amasambu izaba yabaye ndende ni ukulya umukungugu tukikuza umuyaga kuko gutungwa n'ubuntu bw'Imana gusa byo bidashoboka.

## IGIKA CYA GATATU.

### urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

Nta butunzi busigaye. Ibyo guhinga byo byabaye akaheze nk'amahembe y'imbwa. Ubuzima bw'urubyiruko buragerwa ku mashyi. Ubu kuli rwo "mpemuke ndamuke " yabaye intego ya buli wese.

None se urubyiruko rushaka kubaho rutavunitse, urubyiruko rwandujwe n'abo hakulya n'amazi magali rukore iki uretse :

a) ubucuruzi bwanze no guteka imitwe n'ubujura;
b) uburaya bwanze n'ubugome;
c) ububandi bujyane n'ubwicanyi;
d) kwirukira imigi rutahagira imilimo;

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura.

Sinakwilirwa mbivugaho byinshi kuko bigaragalira buli wese ubu umushwi urasohoka mu igi ubika busake nk'uko ubucuruzi bwigaruliye imitima y'urubyiruko rw'ubu. Ngo rurashaka gukira vuba rushoye amagambo gus

Mu masoko, mu migi usigaye usanga abasore b'intarumikwa n'abana b'ibitambambuga bilirwa basibana inyuma y'abagenzi bigendera babingingira kugura agatabi, agatenge, ibitambaro, amasogisi, inigi n'imigati bitagira igiciro.

Iyo bakubonanye amafaranga, kubikiza biragoye. Barakwinginga bigatinda kandi aliko bagusimburanwaho. Ahubwo twibaze aho bakura ibyo bintu batangira ibiciro bito cyane kuli kaliya kageni. Mu guteka imitwe no mu bujura nta kindi. Nawe se kugura igitambaro cya Fr 300 kandi mu maduka kigura Fr 1500 ubwo aba yarabiranguye ahagana he;

.../...

Ku bakobwa bo ntakibazo. Agufatira inzu y'icyumba kimwe imfuruka yo haruguru akahashyira igitanda gikingilijwe n'akenda, mu mirambizo akahashyira igaziye y'inzoga imbabura yo kotsa ibitoki n'ingo ma maze inzu y'icyumba kimwe ikaba ibaye mu gihe kimwe aho kwicira isal ikirabo kandi akanayibamo.

Ba "Shangazi" nabo ntibatanzwe aliko bo tube tubihoreye kuko igihe cyabo kitaragera cyo kubavugaho. Ali "Mutarambirwa "musore; ali "Kareshyabaguzi" nkumi na Naralibonye "Shangazi" intego yabo ni imwe: kukurangaza bakagucomora.

b) Uburaya bwanze n'ubugome.

Ya mazu navuze n'ibicurulizwamo si byo byatunga umwana w'umukobwa i Kigali : ngo alye, yambare neza nk'uko tubabona bakengerana mu myenda myiza kandi ngo alihe n'inzu buli kwezi. Ibyo navuze dusanga muli ayo mazu ni ibyo gukurura "abakiliya" (nk'uko babita) ngo nyamukobwa ashoboye kunywa izo ataguze, kulya ibyo atalishye, bityo abe arenza umunsi.

Nyamara uburaya bulimo n'ubugome kuko iyo abagabo bahahuliye intambara irarota ingwagwane ikahagwa kandi nyirahsyano akabyigurutsa. Numvise ko hasigaye hali n'abatendeka abagabo nka bimwe byo mu modoka zitwara abagenzi. Niko wa mukobwa we, ubwo urumva ibiro utesheje uwo muhanga ubundi ugenewe abashakanye?

c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi.

Nyakugorwa " Mutarambirwa" wiliwe ubusa, udafite n'ubundi bulyo bwo kubaho nka mushiki we "Kareshyabaguzi" nta kindi agomba gukora. Kuburara kandi hali abaraye bahaze ndetse bakaraza! Bishoboka bite kandi "Gatalina"ihali?

Iyo adateye mu rugo ategera mu mayira. Umugenzi wawuramukanye yahita akamushinga intoki mu mihoro igihe ingoto ikigaragura hasi n'igihogo gihilita, imifuka yose akaba yayisatse maze hakanduruka umuhungu.

Musore rero nawe nkumi, mumenyeko n'ubutegetsi buli maso. Mwakwemeye mukalya ibyo mwiyuhiye akuya aho gushimishwa n'ubw'abandi! " Amerwe y'icyiyoni yagiteye kwimena inda."

.../...

d) Nabize za Kaminuza barashobewe ntibakibona imilimo ako kanya nkanswe wowe wanyarutse ikigoroba. Ushatse ntiwakwilirwa wiyumya ngo ugiye gushaka akazi mu mugi. Ihingire kandi worore uzajye ujya mu mugi imifuka iremereye uhahirane n'ababayo.

## IGIKA CYA KANE.

### I. UMUTI SE UZABE UWUHE?

Kubona umuti w'ibibazo by'urubyiruko ntibyoroshye na busa. Icyakora ONAPO ishoboye kumvisha abaturage ko bagomba kubyara abo bashoboye kurera byaba ali ubuhoro kuko ipfundo ly'ibibazo ali aho lili. Tuyiteze amaso rero.

Kuvuga aliko ni ugutaruka. Mu by'ukuli ONAPO izahura n'ibibazo byo kurandura mu banyarwanda umuco wa kera wo kuvuga ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira", ngo nibakura bazirwanaho cyangwa bazataralire mu bihugu duturanye. Ibyo ni ubwenge bucye cyane. Icyakora abagitekereza batyo bamenye ko bakorera igihugu umusaraba kitazitura.

Icyakora igihugu nacyo gifite uruhare runini mu mitunganyilize y'ibibazo by'urubyiruko. Leta igomba:

a) gushyiraho amategeko ashyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko cyane cyane mu kigega cy'ubwishingire (Fonds de garantie) n'ikigega gitsura amajyambere.
b) gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko iyagabanyiliza amahoro n'imisoro.
c) Kugira uruhare mu mashyirahamwe y'urubyiruko no kuyafasha gucunga umutungo wayo neza.
d) gushyiraho ihuliro ly'amashyirahamwe.
e) gushakira amashyirahamwe amasoko.

#### a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa.

Hali ubwo mu gihugu havuka amashyirahamwe adafite amategeko ayagenga cyangwa yaba ayafite akaba ataligeze yigwa neza ngo anononsorwe cyangwa ishyirahamwe likavuka kubera igihe iki n'iki (igulishwa lya kawa) ubundi ligahita lizimira.

Iyo urubyiruko rubona amashyirahamwe nk'ayo avuka uyu munsi ejo akaba yasenyutse rucika intege n'uwali ufite igitekerezo cyo gushyirahamwe n'abagenzi be bikayoyoka.

.../...

Ikindi kandi Leta yalikwiye kubanza gusuzuma imigambi imikorere, umutungo shingiro w'ishyirahamwe maze ikabona gutanga uruhush rwo gutangira naho ubundi amashyirahamwe azakomeza gusenywa n'urungabangabo ahoramo.

Igihe Leta yise neza imigambi y'ishyirahamwe ili n'i imikorere n'umutungo walyo, umubare w'abanyamulyango yali ikwiye kuba umwishingizi walyo kugira ngo lishobore kubona inguzanyo vuba mu kigega cy'ubwishingizi cyangwa mu kigega cy'u Rwanda gitsura amajyambere; kimwe nuko Leta yali ikwiye kwihutira guha amashyirahamwe yabisabye ubuzima gatozi.

b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe.

Ubusanzwe amahoro n'imisoro byakirwa kugira ngo nyirukwinjiza ibintu mu gihugu, nyirukubicuruza atikilira wenyine akandamiza umuguzi uzamuguraho. Iba kandi igirango ayo mafaranga azagoboke igihugu mu zindi nzego zimeze nabi. Nyamara intego ya buli shyirahamwe ni ugushakira abaligize, akarere lilimo ubulyo bworoshye kandi bwe mewe bwo kubaho neza. Iyo ntego rero ntaho itandukaniye n'ibyo igihugu cyifuza, gishakira buli muntu wese ugituye.

Indi ntego ikomeye buli shyirahamwe lyiyemeza cyangwa lyali likwiye kwiyemeza ni umurava. Amashyirahamwe azwiho umurava, agami je kuzamura rubanda nyamwinshi akwiye gusonerwa imisoro ikomoka ku nyung kugirango ashobore gutera imbere vuba.

c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.

Umuyobozi wese utagira gikangara alirara agakora ibimuj mu mutwe. Leta iramutse igize uruhare mu mashyirahamwe ikajya igenzura ubwiyongere cyangwa ubugabanuke bw'umutungo nayo byarushaho gushimisha abanyamulyango kandi byatuma n'umulyango urushaho kujya mbere naho ubund usanga abacungamali na ba perezida baligize akaraha kajyahe ndetse bakiyumvikanira bakanyereza umutungo rubanda nyamwinshi bakahagwa.

Umucungamali wese w'ishyirahamwe yagombye kugenzura kand ku bulyo bukaze. Yakubukwaho n'icyaha cyo kunyereza umutungo agafungwa cyangwa ugakurwa mu bye. Aho gupfa benshi hapfa umwe.

.../...

Umutungo udakoreshwa (ububiko ) ukwiye gukoranyilizwa mu ihuliro ly'amashyirahamwe kugira ngo mu gihe umulyango uzaba wahombye, kuwesesa no kugabana umutungo byorohe.(liquidation de fonds) kandi ba nyirawo bagire icyo babona. Naho ubundi bitabaye ibyo ni ugukiza umucungamali wic abanyamulyango.

d) Ihuliro ly'amashyirahamwe.

Ihuliro ly'amashyirahamwe lyaba urwego rukuru rw'ubutegetsi buhuliweho n'amashyirahamwe yose: ay'ubuhashyi n'ay'ubukolikoli. Urwo rwego nirwo rwajya rusuganya ibibazo byose by'amashyirahamwe rukabishyikiliza Ministeri ibishinzwe rumaze kwiga neza ibyihutirwa noneho nayo ikabona aho ihera itanga imfashanyo naho ubundi abasaba baba benshi bagatesha umutwe abategetsi ba Ministeri limwe na limwe bikaba byatuma haterwa inkunga ishyirahamwe lizwi kandi wenda atali lyo likennye kurusha ayandi.

Ilyo huliro kandi nilyo lyajyalikoranyilizamo ibicuruzwa by'ubukolikoli, ligashaka amasoko yaba ayo mu gihugu hagati cyangwa ayo mu mahanga aho kunyanyagiza ibintu hilya no hino bituma abaguzi batagira ububasha buhagije bwo guhitamo. Ishyirahamwe ly'ilyo huliro lyatuma Leta ishobora gukulikiranira hafi ukujyambere n'ugusubira inyuma kwa buli shyirahamwe kandi ikamenya impamvu ku bulyo butagoranye cyane.

Nk'uko rero Leta yashyizeho aho amashyirahamwe yihugulira, nirebe n'ubulyo ilyo huliro lyashyirwaho. Niba lisanzweho nilirusheho gutabara urubyiruko lirufasha muli biliya byavuzwe haruguru.

e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

Mu mamulikwa menshi byaragaragaye ko ibikorwa by'amashyirahamwe alibyo bifata igice kinini. Ndetse ndakeka ko tutabonye abanyamahanga twaba twegeranye kwihaza mu bikomoka ku bukolikoli. Leta rero nishake amasoko mu mahanga amadovize yekwinjizwa gusa n'ikawa na cyayi.

Ibyerekeye amashyirahamwe acuruza cyangwa agulisha ibilibwa, ntitwakwilirwa tuyatindaho cyane kuko ntakibazo biratera. Nta n'ibirangilika kubera kubura abaguzi.

II. Umwanzuro:

Kubera ubwiyongere bukabije bw'abanyarwanda butera igihugu ibibazo cyane cyane ibibazo by'urubyiruko rutazabona aho rutura, rwiyandalika kubera gushaka gukira vuba,urubyiruko ruwkiye :

.../...

- Gushakashaka ubulyo bwo kubaho mu minsi ili imbere bulimo umurava nko gukorera hamwe;
- gutega amatwi inama za ONAPO ;
- Kumva vuba umugambi w'igihugu wo gutuza abantu mu midugudu no munsisiro.

Kuberako urubyiruko atali rwo rwisabiye Imana guhura n'ibyo bibazo, Leta ikwiye :

- Kurutera inkunga muli buliya bushakashatwi iha amashyirahamwe inguzanyo, igenzura ibikorwa ikayashakira n'amasoko.
- gushyirahao amategeko agenga imuvukire y'amashyirahamwe;
- guhana abanyereza umutungo w'amashyirahamwe yihanukiliye kandi ikawugaruza;
- gushyirahao ihuliro ly'amashyirahamwe lyungilije Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

Bityo twiyubakire u Rwanda rwatubyaye mu Mahoro n'Ubumwe n'Amajyambere.

## Ubuzima bw'umwanditsi.

MUSEKUYE Yonatani ni umusore w'imyaka 25. Aracyali ingaragu.

Avuka muli Komini KAYENZI ku musozi witwa GIHIRA hafi yo mu GACURABWENGE. Ababyeyi be ni abahinzi.

Amashuli abanza yayize mu GACURABWENGE; ay'isumbuye ayiga mu BYIMANA (BUKOMERO), mu ishuli nderabarezi ly'i SHYOGWE ali naho yarangilije akukanye impamyabushobozi y'imyaka ilindwi (D7). Ubu ni umurezi mu mashuli abanza i NYAKABUYE ho muli KAYENZI.

Yakunze gukorana n'urubyiruko cyane aruyobora, arugira inama, yitegereza ibyo rukora n'ibyo rushaka:

- Guhera 1976 kugeza 1979 yali umubitsi w'umutungo w'umulyango w'abanyeshuli witwa J.E.C. (Jeunesse estudiantine chrétienne).
- guhera 1977 kugeza 1980 yali umukuru w'abanyeshuli bose b'Abaporotesitanti bakomoka mu karere ka REMERA-RUKOMA;
- guhera 1979 kugeza muli Kamena 1980 yali umukuru w'abanyeshuli (nawe yiga i SHYOGWE.

  Iyo milimo yose yakoranye n'urubyiruko niyo yakungahaje ubwenge bwe bikamuviramo n'ikibatsi cy'ubanditsi mu bitabo bye bindi twavuga :

  - Les stigmates
  - Lyaraguye libura ginanura
  - Twese nk'abitsamuye.

Basore rero namwe nkumi, MUSEKUYE ni umwe muli mwe; mwumve inama abagira muli aka gatabo; muzinyuze mu bwenge, muzishungure kugira ngo mwitegulire inzira mu minsi ili imbere.

Mugire amahoro.

MUSEKUYE Yonatani.-

# WOROSOYE UWABYUKAGA.

# RUBYIRUKO KANGUKA BURACYEYE.

CYANDITSWE NA

MUSEKUYE YOHANI
GIHIRA KAYENZI
GITARAMA
C/O B.P. 536 KIGALI

GITARAMA, KAMENA 1984.

# IBILIMO

- Intangiliro.
- Igika cya mbere:

I. NI MUGIHE

I1. Ubutegetsi bwa cyami

I2. Ubutegetsi bwa gikoronize

I3. Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi

I4. Ibikorwa ngangabuzima na ngandurabuzima.

II. U RWANDA NI PARADIZO MULI AFURIKA

III. KUBYARA NI UGUSUBIZA INGOBYI IMUGONGO.

- Igika cya kabili :

I. GUSESENGURA URUBYIRUKO

I1. Ibigero by'abaturarwanda

I2. Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage

I3. Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'Igihugu.

a) Umutungo w'Igihugu ugabanuka
b) Ubukene bw'ababyeyi
c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

- Igika cya gatatu:

Urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura
b) Uburaya bwanze n'ubugome
c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi
d) Mu migi nta milimo.

- Igika cya kane :

I. Umuti se uzabe uwuhe?

a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa
b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe
c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.
d) Ihuliro ly'amashyirahamwe
e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

II. Umwanzuro :

Ubuzima bw'umwanditsi.

INTANGILIRO.
============

Si ukubesha, sino gukabya cyangwa guca igikuba; u Rwanda ni kimwe mu bihugu by'Afurika bifite abaturage benshi kandi rukennye. Ndetse ubundi u Rwanda nirwo ruza ku mwanya wa mbere iyo bagenzuye ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$1.
Dore nko mu 1978 kuli $Km^2$1 (1), ubucucike bw'abaturage bwayingayingaga abaturage 183 kuli $Km^2$1.

Ibyo bibazo by'umutungo muke n'ubwiyongere bw'abaturage bukabije, u Rwanda rubihuliyeho n'umuturanyi wacu aliwe Burundi.

Radio zirabivuga, ibinyamakuru birabitangaza, abaturage barajijurwa ubutitsa mu bigo bya Komini bihugura ubutitsa abaturage. Aliko se umuti uzaba uwuhe? Twizere se wa mugani w'abakurambere bacu baciye bagira bati "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira"? Nyamara kandi na none bati " Utifashihe ntafashwa n'Imana."

Ubutegetsi bw'Igihugu cyacu bwakarakaye icyo kibazo aliko umuti ntiwashoboye kubonekaraho. Dutegereze ko umwuka w'Imana uzatumanukira ukaducungura: Oya Imana irafashwa. Ibyiza ni ugukora iyo bwababaga buli muntu ku giti cye hanyuma Imana ikatwunganira itiza umulindi ibyo twakoze.

Nyamara ahali si twe twenyine abanyarwanda turebwa kandi tukaba duhangayikishijwe n'icyo kibazo. Isi yose nayo irakakakakwa. Itewe impungenge n'ibihe bili imbere; cyane cyane imibereho y'urubyiruko kuko aliyo mizero n'ingufu nshyashya buli gihugu cyimilije imbere.

Ni nayo mpamvu umulyango w'Abibumbye (O.N.U) wafashe ibyemezo byo kwita Umwaka w'1985 uw'"Urubyiruko ku isi yose."

Icyo cyemezo sicyo kizamanura "MANU" mu ijuru nk'uko Abisiraheli bayihawe mu gihe bali bageze mu butayu bagana igihugu cy'isezerano, yemwe si nacyo kizatuma umutungo kamere w'u Rwanda wiyongera ngo buli muturarwanda ashobore kubaho neza : alye neza, yambare neza kandi ature heza. Ibyo rero bitwumvisheko kwizihiza uwo mwaka atali ukurenza akaguru ku kandi ngo tulye, tunywe nka wa mutunzi wo muli Bibiliya wabonye ibigega byuzuye akicara ati : "Mutima wanjye nezerwa, ulye, unywe dore ubutunzi mfite ni bwinshi."
Nkaho yakajije umurego ngo ashobore no gusagulira abandi.

(1) Géographie du Rwanda, GOTANEGRE,TRIOUL ET SILVEN TURVUREN.

.../...

Mu by'ukuli bimwe mu myiteguro y'uwo mwaka ni ugukangulira urubyiruko amajyambere y'igihugu rusobanulirwa ibihe bili imbere, ruterw inkunga mu bikorwa bigamije kuruzamura; abakuru, abayobozi n'abategetsi barugira inama ndetse banarusura kugira ngo rudateshukwa inzira iboneye.

Inkuba ikubise umuntu yulira igiti ati "Unsanganiye nali nkwizaniye" n'urubyiruko rw'u Rwanda ruti : "Worosoye uwabyukaga."

## IGIKA CYA MBERE.

### 1. NIMUGIHE.

Abaturarwanda biyongereye cyane byaba ali mu gihe. Hali impamvu nyinshi zitere ubwo bwiyongere. Mulizo twavuga izi zikulikira:
- Ubutegetsi : ali ubwa cyami, ali ubwa gikoronize cyangwa se ubwa Demokarasi.
- Gukwililikanya ibikorwa ngengabuzima na ngandurabuzima
- Umuco mwimerere nyarwanda wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko.
- Ijuru lyiza

Mu byerekeye ubutegetsi bwabaye mu Rwanda; kugeza ubu tuzi ko bulimo ibice bitatu by'ingenzi nk'uko byavuzwe haruguru. Kugirango dushyire ahabona ukuli, dusesengure buli mitegekere turebe aho yaba ihuliye n'ubwinshi bw'abanyarwanda duhereye ku butegetsi bwa cyami:

### I1. Ubutegetsi bwa cyami.

Ni ubutegetsi bwanguye u Rwanda. Bwali ubutegetsi buhamye, butajegajega kandi bukalishye mu byerekeye kulinda umutekano w'Igihugu; kurengera no kulinda abanyarwanda igihe cyose ndetse no guhashya abanzi babo. Ahajya kwegera 1091 niho abami bemewe kandi bazwi batangiye gutegeka u Rwanda kandi kuva icyo gihe kugera mu w' 1960, imvugo y'abanyarwanda igaragaza umurava n'ubutwali bw'ingabo yali imwe ngo" u Rwanda ruratera ntiruterwa."

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa cyami, u Rwanda rwashoboye kurengera abana barwo. Intambara rwagiranye n'abaturanyi n'ibitero by'abanzi ntibyahitanye benshi kubera ubuhanga n'imyiteguro ihagije mu byerekeye intambara. Ndetse tutitsiruye twavuga ko mu by'ukuli ku ngoma ya NDAHIRO II CYAMATARE (± 1477 - 1510) alibwo u Rwanda rwatsinzwe ku bulyo bugaragara na NSIBURA NYEBUNGA akarufata imyaka 11 yose ndetse akarutwara n'ingoma y'ubwami ya Rwoga.

.../...

Uretse rero NDAHIRO II CYAMATARE, abandi bami b'u Rwanda bagiye batsindagurana n'abanzi babo. Ibyo rero biratwereka ko uretse abo umwami n'umugabekazi biyiciraga kuko bali bafite ububasha bwo kwica no gukiza, intambara zahitanye bake.

Ntitwakwibagirwa kandi ko ubwo butegetsi bwashoboye gukoma imbere rwose abarabu bali baragambiliye gutunda no gucuruza Abirabura. Abarabu bali barabibuliwe ubuhanga bw'abanyarwanda mu kurashisha umuheto batinya kwinjira mu Rwanda rwagati.

I2. Ubutegetsi bwa gikoronize

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa gikoronize nibwo abanyarwanda bagabanutse intambara zombi z'isi yose (1914 - 1918, 1940 - 1945) aliko ilyo gabanuka lyasimburanaga n'ubwiyongere kubera ubulyo bushya bwo guhaha, gununika imyaka, ubuvuzi bwateye imbere n'umuco wo guhora ukagabanuka.

Kugabanuka kw'abaturage kwatewe ahanini n'inzara z'ibikatu zagiye zitera zigahitana benshi mu banyarwanda.
Reka tuvuge iz'ingenzi :

| | |
|---|---|
| - Muhatigicumuro | : 1890 |
| - Ruyaga | : 1902 - 1903 |
| - Kiramwaramwara | : 1907 - 1908 |
| - Rumanura | : 1915 - 1917 |
| - Gakwege | : 1924 - 1925 |
| - Ruzagayura | : 1940 - 1945 (2) |

I3. <u>Ubutegetsi bushingiye kuli Demokarasi.</u>

Intego ya mbere y'ubutegetsi bwa Demokarasi mu Rwanda ni iyo gushaka imibereho myiza y'abatuye igihugu bushakashaka ibyo kubatunga n'umutekano n'amahoro.

Kubera ubutegetsi buhamye kandi bukaze, igihugu cyacu cyagize amahirwe yo kwibera mu mudendezo w'amahoro n'umutekano: nta midugararo; nta ntambara zo hagati mu gihugu cyangwa zo ku mipaka zibaho. Bityo bigatuma abanyarwanda twese twumva tunezerewe kandi abapfa bagahitanwa gusa n'urw'ikirago cyangwa impanuka z'imihanda.

---

(2) - Ubumenyi bw'isi, Amateka, Uburere mboneragihugu, BPERAI B 33
- Gusoma umwaka wa 8, BPERAI P 37.

.../...

## II. U Rwanda ni Paradizo muli Afurika.

Igihugu cy'u Rwanda ni gito ugereranyije n'ibindi bihugu by'umugabane w'Afulika. Aliko Imana yagiteretse heza muli uwo mugabane. Uwabaye mu Rwanda ntiyifuza kuba ahandi bitewe n'umwu mwiza, ibihe by'izuba n'imvura bisimburana neza Imana yihereye icyo gihu-gu.

Iyo miterere y'ikirere, iyo juru lyiza kiglira, ubwo bushyuhe n'ubukonje bibonereye ubuzima, butuma uburumbuke ku babyeyi b'Abanyarwandakazi buruta ubwo mu bindi bihugu. Bityo abanyarwanda bakoro roka vuba

Ibyo ntitwakwilinda kubitindaho ONAPO (3) ibisobanura buli gihe. Uwaba ashidikanya anyarukilize ijisho ku murenge w'iwabo arebe abana bonka bahali, arebe n'inshuke zikina ziseka ku miharuro ya buli rugo.

## III. Kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo.

Uwo mugani w'abanyarwanda uratwumvisha ko urubya ro ali umutungo ukomeye; ali icyifuzo cya buli wese.
Umuco nyarwanda kamere wemeza kandi ugashyigikira ko kubyara ali ukunguka amaboko, kwicungura umilimo mibi no gutebya abanzi bakwigimbaga. Imvugo z'abanyarwanda zerekana umunezero w'umubyeyi ni nyinshi. Muli zo twavuga :
- Kwibyara bitera umubyeyi ineza
- Uwabyaye yabyaliye hagali
- Nkora imbwa zanjye zikubye
- Umwanzi ntakabyare
- Urakabyara uheke
- Urakabyara uninguye n'izindi nyinshi...

Icyo gitekerezo cyo hambere ntawavuga ko gishaje aliko cyali gikwiye kuvugwa mu bundi bulyo muli iki gihe.
Keraho byali amahirwe kuko amasambu yo guhinga mo no guturamo yali akibon ka. Nonese, n'ubwo ntawanze kubyara ngo agwize, uzabyara batanu ubatungis iki nawe ubwawe n'umugore mutishoboye? Rero ko ngo abana bakuze balirera! Icyo ni igitekerezo gishaje. Yirere se ate adafite aho yihalika utwaka ngo natugulisha yigulire akenda cyangwa yilihire amafaranga y'ishuli?

---

(3) ONAPO: (Office National de la Population)Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage.

Nyamara ONAPO ihora igaragaza ibibazo biterwa n'amasambu make aliho n'ukugunduka kw'imilima ku bulyo buli wese yali akwiye kwuku bita agashyi agatekereza.

Rero ko ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira! "Urataganya se kuzahahira he ko ikibazo cy'urubyiruko giteye impagarara kw'isi yose. Naba n'ibindi bihugu biracyafite uruhengekero kuko bigifite abaturage bacishilije.
None twe ikibazo cyarenze urubibi. Umuti se uzabe uwuhe?

Biteze amaso icyo ONAPO n'Umulyango w'Abibumbye (O.N.U) bizageraho. Hagati aha aliko mfite ubwoba ko ikibazo gishobora guhinduka ihulizo litagira igisubizo cyangwa cyaba kinahali kikaba kinyuranyije na kamere-muntu ndetse n'amategeko ya Nyagasa ni. Uhira mu nzu ntaho adakubita imitwe.

Muli make, mbere yo kureba ibindi bibazo by'urubyiruko, tubanze turebe garafiki yerekana ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza ubu na garafiki y'ubucucike bw'abaturage kuli $Km^2$ kuva icyo gihe maze tubone kwisubiza :

| Umwaka | Abaturage | Umwaka | Abaturage. |
|---|---|---|---|
| 1940 | 1 913 322 | 1973 | 4 053 081 |
| 1944 | 1 523 720 | 1974 | 4 143 783 |
| 1950 | 1 954 870 | 1975 | 4 242 604 |
| 1951 | 2 011 561 | 1976 | 4 333 056 |
| 1952 | 2 151 418 | 1977 | 4 390 367 |
| 1953 | 2 211 678 | 1978 | 4 819 317 |
| 1954 | 2 272 732 | 1979 | 4 975 000 |
| 1955 | 2 326 512 | 1980 | 5 136 000 |
| 1956 | 2 390 861 | 1985 | 6 020 000 (4) |
| 1957 | 2 466 449 | | |
| 1958 | 2 551 000 | | |
| 1959 | 2 634 451 | | |
| 1960 | 2 694 990 | | |
| 1961 | 2 784 117 | | |
| 1962 | 2 876 053 | | |
| 1963 | 2 971 000 | | |
| 1964 | 3 069 000 | | |
| 1965 | 3 191 894 | | |
| 1966 | 3 321 706 | | |
| 1967 | 3 415 573 | | |
| 1968 | 3 509 250 | | |

(4) Twiyongere twongera umusaruro P 5.
ONAPO (Icapiro ly'Amashuli Kigali 1981.

| | | |
|---|---|---|
| 1969 | : | 3 622 580 |
| 1970 | : | 3 735 585 |
| 1971 | : | 3 842 055 |
| 1972 | : | 3 930 621 |

( Voir Figure)

Fig. 1: Garafiki y'ubwiyongere bw'abaturage kuva mu 1940 kugeza 1985 + iko ukeka bizaba bimeze mu myaka 15 ili imbere.

| umwaka | Ubucucike /Km$^2$1. |
|---|---|
| 1940 | 73 |
| 1944 | 58 |
| 1950 | 74 |
| 1960 | 102 |
| 1970 | 142 |
| 1980 | 195 |
| 1985 | 229 (5) |

(5) Op.Cit P.5.

(Voir Figure 2)

Fig.2 : Ubucucike bw'abaturage kuli Km$^2$1 kuva mu 1940 kugeza 1985 + intekerezo y'uko bizaba bimeze mu myaka 15 iliiimbere.

Muli make, turabona rero ko :

- Guhera mu 1944 abaturage batahwemye kwiyongera ali nako ubucucike b$_w$abo kuli km$^2$1 bwiyongera.
- Isambu y'umuntu yavuye kuli m$^2$ 136.998 muw'1940 igera kuli m$^2$ 4367 ubu (1984).

Twibaze rero uko urubyiruko ruzamera mu mwaka w'2000 ubwo u Rwanda ruzaba rutuwe n'abantu 9.699.000; kuli Km$^2$1 nali abaturage 366. Ni ukuvuga ko umuturage azaba afite isambu ingana na m$^2$ 2717. Ni intambara nk'indi. Nicyo gitumA igihugu cyacu cyali gikw kwibanda kuli icyo kibazo hakili kare kugirango kitazajya kwisama cyarangije gusandara.

.../...

Icyitonderwa : Ingano z'aliya masambu zirerekana k
hakili agahenge aliko ntimwiyibagize ko ubuso bw'ibiyaga, ibisozi bireb
ibirunga butashyizwe ku ruhande. Ni ukuvuga rero ko zili ngano igihe nt
na hamwe mu Rwanda hadashobora guturwa.

## IGIKA CIA KABILI.

### 1. Gusesengura urubyiruko.

Abaturage b'u Rwanda b'abagore bangana na 52 %, abagabo b bakaba 48 %. Iyo dusesenguye dusanga mu bagore halimo : 28% by'abantu bafite umwaka kugeza ku myaka 20 y'amavuko.

- 17 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50
- 7 % bafite hejuru y'imyaka 50.

Ubwo rero abashobora gukora neza bakwirwanaho ni 117% kuko abandi ali abana bato cyane, bakili mu mashuli abandi bakaba udukecuru tw'imbozi.

Iyo dusesenguye abagabo bo, tubasangamo :

- 27 % bafite hagati y'umwaka umwe na 20 y'amavuko
- 15 % bafite hagati y'imyaka 20 na 50 y'amavuko
- 6 % bafite imyaka ili hejuru y'imyaka 50

Ni ukuvuga ko abashobora gukora neza bakitunga ali 15 %.
Abandi ni abana bato cyane, abandi ni abanyeshuli, abandi ni udusaza tw'imbozi.

Muli rusange rero turabona ko :

- Mu bagore 17 % bagomba gutunga 35 %
- mu bagabo 15 % bagatunga 33 %.

Dufashe ibitsina byombi ubwo 32 % batunga 68 %. Bityo tugasanga ko abaturage b'u Rwanda bagwiliyemo abarya badakora.

(Voir Figure)

### 12. Ingaruka zikomoka kuli iyo miterere y'abaturage.

Urebye neza wasanga ko abana bavuka mu mwaka ali benshi aliko mulibo hakaba abahitanwa n'indwara z'abana ku buryo hasigara abajya kwegera 34 %. Ubwo bwiyongere rero butera ingorane nyinshi igihugu guteganya imishinga n'ibizatunga abatuye igihugu, ibikorwa remezo nko gut nya amavuliro,amashuli....

(6) Ubumenyi bw'isi, Amateka, uburere mboneza gihugu, BPERAI P.40.

Kubireba u Rwanda, twavuga ko kubera iliya mibare y'abana bavuka baba abakobwa cyangwa abahungu, abaturage b'u Rwanda bigan mo abalya aliko badakora. Reba nawe dushatse indinganizi y'abana bali hag y'imyaka 1 na 20 y'amavuko twabona : $\frac{28\ \% + 27\ \%}{2}$ = 22,5 % y'abana batarag agatege ko kugira icyo bakora cyangwa bali mu mashuli (twibuke ko umwan wize neza arangiza amashuli abanza afite imyaka 15).

Ingaruka rero ni nyinshi. Mulizo twavuga :

a) Umutungo w'igihugu ugabanuka
b) Ubukene bw'ababyeyi
c) Indwara zituruka ku milire mibi.

13. Uruhare rwa buli ngaruka mu mibereho y'igihugu.

a) Umutungo w'igihugu ugabanuka.

Ntituyobewe twese ko ibikorwa bituzanira amafara aremereye y'amahanga ali bike cyane mu Rwanda ndavuga nk'ibyoherezwa mu mahanga nka kawa, icyayi, kenkina ndetse n'ibireti. Ndetse anubwo urebye wasanga ibili amambu nabyo hali aho bikenesha u Rwanda. Aliko se rugire r ndavuga ko gushora amafaranga mu buhinzi bwa kawa yamara kwera tukoherere bene inda nziza ngo badufashe kuyitunganya maze iyo nyalyenge zikitwalira umushongi zikatwohererereza ibisigazwa. Hali uyobewe se yuko kugirango beme kudufasha mu mushinga uyu n'uyu ali uko baba babonyemo nibura inyungu ya 50 %? Hali umushinga se bali batwemerera gutera inkunga batohereje ibikuk by'iwabo bizawunyunyuza wamara gukamukamo umutungo bagafata indege bakajy ahandi? Ibyo rero byereke urubyiruko ko nirudahaguruka ngo ruhagarare, ng rukora rutizigama rushaka ibizarutunga mu minsi ili imbere, ruzagwa mu mutego rwiteze ubwarwo.

Dusubiye kuli ruliya rugero rwa kawa, urabona rwo aliyo yatunga 9.699.000 mu mwaka w'2000 ? Niyo u Rwanda barutera rwose ikawa! Sindagura ndacuna.

U Rwanda ni umubyeyi. Rugerageza kugabanya tuliya duhendwabana (50%) dusigaye abana barwo. Ubwo se urabona uretse no kuboge bose bazakwirwa nibura bagasunutsa izuru ku ikawa bahinga ngo bumve uko ilyoha? Kugabulira abana ntibahaga niko kubatera umururumba n'ubusambo. Aliko se twigire dute? Ubuze uko agira agwa neza. Dukore aliko dukomeze no guhanga amaso mu ijuru.

Rubyiruko kanguka buracyeye. Tunganya inzira uzanyuramo ibibazo bitarakurenga aho kumera nk'ifuku icukura umwobo isiba a ivuye. Urabona u Rwanda ruzabigenza gute ngo rwubake amashuli ushaka, amavuliro uzavulirwamo, umuhanda uzagendamo n'utarufasha? Ngo"uko zivuze nyamahembe".

.../...

b) Ubukene bw'ababyeyi.

Ukubyara abana benshi, cyane cyane indahekana bishajisha ababyeyi imburagihe kuko gutwita hato na hato no guhahira utwo twana tuli mu kigero kimwe; kubashakira ibyo bambara, ibikoresho by'ishuli no kubajyana kwa muganga barwaye ntibyoroshye.

Ibyo byose rero birangaza umubyeyi limwe na limwe bigatuma arara ihinga. Bityo inzara igatera mu rugo. Igihe yivgira mu kirambi ubukene bwo bukaba buvugiliza ku mulyango.

Dufate urugero rugaragara ku mukozi wa Leta wo mu kigero cyo hagati (cadre moyen) uhembwa Fr 13.630; akagira n'umugore udafite akazi ka Leta. Ibibazo azaba afite ali umusore, amaze no kurongora, amaze kubyara si bimwe. Dutange gusa urugero ku migendekere y'umushahara we

| Ikigero | Umusore | Amaze kurongora | Umwana 1 | Abana 2 |
|---|---|---|---|---|
| umutungo/ buli kwezi | 13.630 | 6.815 | 4.543 | 3.407 |

Aha rero biragaragara ko ububasha bwo guhaha bw'uliya mukozi bugenda bugabanuka igihe cyose yungutse umwana kuzamara imyaka makumyabili nibura kugira ngo mu rubyaro rwe habe halimo abashobora kwirwanaho. Musore rero nawe nkumi, mumenye ko ubuzima bwanyu ali mwe bureba; ko kandi "agakoni k'iminsi gacibwa kare kandi kakabikwa kure!"

c) Imilire mibi n'indili y'indwara.

Ubuzima bwiza bw'abaturage ni imwe mu nkingi z'amajyambere y'igihugu icyo alicyo cyose. Kugira ngo umuntu ashobore gukora ni uko aba yumva amerewe neza mu nda. Babivuze ukuli ko "halima ikili munda!"

Mu bihugu cy'Afurika byinshi imilire iracyateye ibibazo. Reka indwara ziyikomokaho abantu zihitana ntibagira ingano. Iyo zitabahitanye zibagira ibisenzegeli ku bulyo ntacyo bashobora kwimalira. Bityo rero igihugu kigatakaza ingufu zagombye ku kizamura.

Muli rusange, ibihugu byinshi by'Afurika yirabura bifata igaburo lishingiye cyane cyane ku binyamafufu n'ibinyampeke. N'ubwo bitera imbaraga ntibirwanya indwara; bityo bigatuma amizero y'ubuzima y'Abanyafurika nyamwinshi aba magufi. Mu Rwanda ayo mizero ubu ni imyaka 50.

.../...

U Rwanda kandi rutinishe ibyo bibazo by'imilire mibi ruhuliyeho n'abatura-nyi ntako rwagira ngo rutunganye igaburo lya buli wese uretse gusa kubahugu ubutitsa mu bigo mbonezamilire.

Mu Rwanda amasambu yarabuze. Uretse n'ayo guhingamo imyaka ku bulyo burambuye n'aho gushyira ubusitani harabuze. Ubutaka bwara-shaje ku bulyo ibihingwa bimwe bitakimera. Si urutoki, ibijumba n'imyumbati dusigaye ducungiraho! Mu minsi itaha ubwo intambara y'amasambu izaba yabaye ndende ni ukulya umukungugu tukikuza umuyaga kuko gutungwa n'ubuntu $b_w$'Ima-na gusa byo bidashoboka.

## IGIKA CYA GATATU.

### Urubyiruko rw'u Rwanda rulishaka rukibura.

Nta butunzi busigaye. Ibyo guhinga byo byabaye aka-heze nk'amahembe y'imbwa. Ubuzima $b_w$'urubyiruko buragerwa ku mashyi. Ubu kuli rwo "mpemuke ndamuke " yabaye intego ya buli wese.

None se urubyiruko rushaka kubaho rutavunitse, uru-byiruko rwandujwe n'abo hakulya n'amazi magali rukore iki uretse :

a) ubucuruzi bwanze no guteka imitwe n'ubujura;
b) uburaya bwanze n'ubugome;
c) ububandi bujyane n'ubwicanyi;
d) kwirukira imigi rutahagira imilimo;

a) Ubucuruzi bwanze n'imitwe n'ubujura.

Sinakwilirwa mbivugaho byinshi kuko bigaragalira buli wese ubu umushwi urasohoka mu igi ubika busake nk'uko ubucuruzi bwigaruliye imitima y'urubyiruko rw'ubu. Ngo rurashaka gukira vuba rushoye amagambo gus

Mu masoko, mu migi usigaye usanga abasore b'intarumikwa n'abana b'ibitambambuga bilirwa basibana inyuma y'abagenzi bigendera babingingira kugura agatabi, agatenge, ibitambaro, amasogisi, inigi n'imiga ti bitagira igiciro.

Iyo bakubonanye amafaranga, kubikiza biragoye. Barakwingi-nga bigatinda kandi aliko bagusimburanwaho. Ahubwo twibaze aho bakura ibyo bintu batangira ibiciro bito cyane kuli kaliya kageni. Mu guteka imitwe no mu bujura nta kindi. Nawe se kugura igitambaro cya Fr 300 kandi mu maduka kigura Fr 1500 ubwo aba yarabiranguye ahagana he;

.../...

Ku bakobwa bo ntakibazo. Agufatira inzu y'icyumba kimwe imfuruka yo haruguru akahashyira igitanda gikingilijwe n'akenda, mu mirambizo akahashyira igaziye y'inzoga imbabura yo kotsa ibitoki n'ingo ma maze inzu y'icyumba kimwe ikaba ibaye mu gihe kimwe aho kwicira isal ikirabo kandi akanayibamo.

Ba "Shangazi" nabo ntibatanzwe aliko bo tube tubihoreye kuko igihe cyabo kitaragera cyo kubavugaho. Ali "Mutarambirwa "musore; ali "Kareshyabaguzi" nkumi na Maralibonye "Shangazi" intego yabo ni imwe: kukurangaza bakagucomora.

b) Uburaya bwanze n'ubugome.

Ya mazu navuze n'ibicurulizwamo si byo byatunga umwana w'umukobwa i Kigali : ngo alye, yambare neza nk'uko tubabona bakengerana mu myenda myiza kandi ngo alihe n'inzu buli kwezi. Ibyo navuze dusanga muli ayo mazu ni ibyo gukurura "abakiliya" (nk'uko babita) ngo nyamukobwa ashoboye kunywa izo ataguze, kulya ibyo atalishye, bityo abe arenza umunsi.

Nyamara uburaya bulimo n'ubugome kuko iyo abagabo bahahuliye intambara irarota ingwagwane ikahagwa kandi nyirahsyano akabyigurutsa. Numvise ko hasigaye hali n'abatendeka abagabo nka bimwe byo mu modoka zitwara abagenzi. Niko wa mukobwa we, ubwo urumva ibiro uteshe je uwo muhanga ubundi ugenewe abashakanye?

c) Ububandi bujyana n'ubwicanyi.

Nyakugorwa " Mutarambirwa" wiliwe ubusa, udafite n'ubundi bulyo bwo kubaho nka mushiki we "Kareshyabaguzi" nta kindi agomba gukora. Kuburarara kandi hali abaraye bahaze ndetse bakaraza! Bishoboka bite kandi "Gatalina"ihali?

Iyo adateye mu rugo ategera mu mayira. Umugenzi wawuramukanye yahita akamushinga intoki mu mihoro igihe ingoto ikigaragura hasi n'igihogo gihilita, imifuka yose akaba yayisatse maze hakanduruka umuhungu.

Musore rero nawe nkumi, mumenyeko n'ubutegetsi buli maso. Mwakwemeye mukalya ibyo mwiyuhiye akuya aho gushimishwa n'ubw'abandi! " Amerwe y'icyiyoni yagiteye kwimena inda."

d) Nabize za Kaminuza barashobewe ntibakibona imilimo ako kanya nkanswe wowe wanyarutse ikigoroba. Ushatse ntiwakwilirwa wiyumya ngo ugiye gushaka akazi mu mugi. Ihingire kandi worore uzajye ujya mu mugi imifuka iremereye uhahirane n'ababayo.

## IGIKA CYA KANE.

### I. UMUTI SE UZABE UWUHE?

Kubona umuti w'ibibazo by'urubyiruko ntibyoroshye na busa. Icyakora ONAPO ishoboye kumvisha abaturage ko bagomba kubyara abo bashoboye kurera byaba ali ubuhoro kuko ipfundo ly'ibibazo ali aho lili. Tuyiteze amaso rero.

Kuvuga aliko ni ugutaruka. Mu by'ukuli ONAPO izahura n'ibibazo byo kurandura mu banyarwanda umuco wa kera wo kuvuga ngo "Imana itera amapfa itera n'aho bahahira", ngo nibakura bazirwanaho cyangwa bazataralire mu bihugu duturanye. Ibyo ni ubwenge bucye cyane. Icyakora abagitekereza batyo bamenye ko bakorera igihugu umusaraba kitazitura.

Icyakora igihugu nacyo gifite uruhare runini mu mitunganyilize y'ibibazo by'urubyiruko. Leta igomba:

a) gushyiraho amategeko ashyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko cyane cyane mu kigega cy'ubwishingire (Fonds de garantie) n'ikigega gitsura amajyambere.
b) gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko iyagabanyiliza amahoro n'imisoro.
c) Kugira uruhare mu mashyirahamwe y'urubyiruko no kuyafasha gucunga umutungo wayo neza.
d) gushyiraho ihuliro ly'amashyirahamwe.
e) gushakira amashyirahamwe amasoko.

a) Amategeko agenga amashyirahamwe ni ngombwa.

Hali ubwo mu gihugu havuka amashyirahamwe adafite amategeko ayagenga cyangwa yaba ayafite akaba ataligeze yigwa neza ngo anononsorwe cyangwa ishyirahamwe likavuka kubera igihe iki n'iki (igulishwa lya kawa) ubundi ligahita lizimira.

Iyo urubyiruko rubona amashyirahamwe nk'ayo avuka uyu munsi ejo akaba yasenyutse rucika intege n'uwali ufite igitekerezo cyo gushyirahamwe n'abagenzi be bikayoyoka.

.../...

Ikindi kandi Leta yalikwiye kubanza gusuzuma imigamb imikorere, umutungo shingiro w'ishyirahamwe maze ikabona gutanga uruhush rwo gutangira naho ubundi amashyirahamwe azakomeza gusenywa n'urungabangabo ahoramo.

Igihe Leta yise neza imigambi y'ishyirahamwe ili n'i imikorere n'umutungo walyo, umubare w'abanyamulyango yali ikwiye kuba umwishingizi walyo kugira ngo lishobore kubona inguzanyo vuba mu kigega cy'ubwishingizi cyangwa mu kigega cy'u Rwanda gitsura amajyambere; kimwe nuko Leta yali ikwiye kwihutira guha amashyirahamwe yabisabye ubuzima gatozi.

b) Amahoro n'imisoro bidindiza amashyirahamwe.

Ubusanzwe amahoro n'imisoro byakirwa kugira ngo nyirukwinjiza ibintu mu gihugu, nyirukubicuruza atikilira wenyine akandamiza umuguzi uzamuguraho. Iba kandi igirango ayo mafaranga azagoboke igihugu mu zindi nzego zimeze nabi. Nyamara intego ya buli shyirahamwe ni ugushakira abaligize, akarere lilimo ubulyo bworoshye kandi bwe mewe bwo kubaho neza. Iyo ntego rero ntaho itandukaniye n'ibyo igihugu cyifuza, gishakira buli muntu wese ugituye.

Indi ntego ikomeye buli shyirahamwe lyiyemeza cyangwa lyali likwiye kwiyemeza ni umurava. Amashyirahamwe azwiho umurava, agami je kuzamura rubanda nyamwinshi akwiye gusonerwa imisoro ikomoka ku nyung kugirango ashobore gutera imbere vuba.

c) Amenshi azira kuba nyamwigendaho.

Umuyobozi wese utagira gikangara alirara agakora ibimuj mu mutwe. Leta iramutse igize uruhare mu mashyirahamwe ikajya igenzura ubwiyongere cyangwa ubugabanuke bw'umutungo nayo byarushaho gushimisha abanyamulyango kandi byatuma n'umulyango urushaho kujya mbere naho ubund usanga abacungamali na ba perezida baligize akaraha kajyahe ndetse bakiyumvikanira bakanyereza umutungo rubanda nyamwinshi bakahagwa.

Umucungamali wese w'ishyirahamwe yagombye kugenzura kand ku bulyo bukaze. Yakubukwaho n'icyaha cyo kunyereza umutungo agafungwa cyangwa ugakurwa mu bye. Aho gupfa benshi hapfa umwe.

.../...

Umutungo udakoreshwa (ububiko ) ukwiye gukoranyilizwa mu ihuliro ly'amashyirahamwe kugira ngo mu gihe umulyango uzaba wahombye, kuwesesa no kugabana umutungo byorohe.(liquidation de fonds) kandi ba nyirawo bagire icyo babona. Naho ubundi bitabaye ibyo ni ugukiza umucungamali wic abanyamulyango.

d) Ihuliro ly'amashyirahamwe.

Ihuliro ly'amashyirahamwe lyaba urwego rukuru rw'ubutegetsi buhuliweho n'amashyirahamwe yose: ay'ubuhashyi n'ay'ubukolikoli. Urwo rwego nirwo rwajya rusuganya ibibazo byose by'amashyirahamwe rukabishyikiliza Ministeri ibishinzwe rumaze kwiga neza ibyihutirwa noneho nayo ikabona aho ihera itanga imfashanyo naho ubundi abasaba baba benshi bagatesha umutwe abategetsi ba Ministeri limwe na limwe bikaba byatuma haterwa inkunga ishyirahamwe lizwi kandi wenda atali lyo likennye kurusha ayandi.

Ilyo huliro kandi nilyo lyajyalikoranyilizamo ibicuruzwa by'ubukolikoli, ligashaka amasoko yaba ayo mu gihugu hagati cyangwa ayo mu mahanga aho kunyanyagiza ibintu hilya no hino bituma abaguzi batagira ububasha buhagije bwo guhitamo. Ishyirahamwe ly'ilyo huliro lyatuma Leta ishobora gukulikiranira hafi ukujyambere n'ugusubira inyuma kwa buli shyirahamwe kandi ikamenya impamvu ku bulyo butagoranye cyane.

Nk'uko rero Leta yashyizeho aho amashyirahamwe yihugulira, nirebe n'ubulyo ilyo huliro lyashyirwaho. Niba lisanzweho nilirusheho gutabara urubyiruko lirufasha muli biliya byavuzwe haruguru.

e) Ntihabuze ibigurwa habuze amasoko.

Mu mamulikwa menshi byaragaragaye ko ibikorwa by'amashyirahamwe alibyo bifata igice kinini. Ndetse ndakeka ko tutabonye abanyamahanga twaba twegeranye kwihaza mu bikomoka ku bukolikoli. Leta rero nishake amasoko mu mahanga amadovize yekwinjizwa gusa n'ikawa na cyayi.

Ibyerekeye amashyirahamwe acuruza cyangwa agulisha ibilibwa, ntitwakwilirwa tuyatindaho cyane kuko ntakibazo biratera. Nta n'ibirangilika kubera kubura abaguzi.

II. Umwanzuro:

Kubera ubwiyongere bukabije bw'abanyarwanda butera igihugu ibibazo cyane cyane ibibazo by'urubyiruko rutazabona aho rutura, rwiyandalika kubera gushaka gukira vuba,urubyiruko ruwkiye :

.../...

- Gushakashaka ubulyo bwo kubaho mu minsi ili imbere bulimo umurava nko gukorera hamwe;
- gutega amatwi inama za ONAPO ;
- Kumva vuba umugambi w'igihugu wo gutuza abantu mu midugudu no munsisiro.

Kuberako urubyiruko atali rwo rwisabiye Imana guhura n'ibyo bibazo, Leta ikwiye :

- Kurutera inkunga muli buliya bushakashatwi iha amashyirahamwe inguzanyo, igenzura ibikorwa ikayashakira n'amasoko.
- gushyirahao amategeko agenga imuvukire y'amashyirahamwe;
- guhana abanyereza umutungo w'amashyirahamwe yihanukiliye kandi ikawugaruza;
- gushyirahao ihuliro ly'amashyirahamwe lyungilije Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

Bityo twiyubakire u Rwanda rwatubyaye mu Mahoro n'Ubumwe n'Amajyambere.

## Ubuzima bw'umwanditsi.

MUSEKUYE Yonatani ni umusore w'imyaka 25. Aracyali ingaragu.

Avuka muli Komini KAYENZI ku musozi witwa GIHIRA hafi yo mu GACURA-BWENGE. Ababyeyi be ni abahinzi.

Amashuli abanza yayize mu GACURABWENGE; ay'isumbuye ayiga mu BYIMANA (BUKOMERO), mu ishuli nderabarezi ly'i SHYOGWE ali naho yarangilije akukanye impamyabushobozi y'imyaka ilindwi (D7). Ubu ni umurezi mu mashuli abanza i NYAKABUYE ho muli KAYENZI.

Yakunze gukorana n'urubyiruko cyane aruyobora, arugira inama, yitegereza ibyo rukora n'ibyo rushaka:

- Guhera 1976 kugeza 1979 yali umubitsi w'umutungo w'umulyango w'abanyeshuli witwa J.E.C. (Jeunesse estudiantine chrétienne).
- guhera 1977 kugeza 1980 yali umukuru w'abanyeshuli bose b'Abaporo-tesitanti bakomoka mu karere ka REMERA-RUKOMA;
- guhera 1979 kugeza muli Kamena 1980 yali umukuru w'abanyeshuli (nawe yiga i SHYOGWE.

  Iyo milimo yose yakoranye n'urubyiruko niyo yakungahaje ubwenge bwe bikamuviramo n'ikibatsi cy'ubanditsi mu bitabo bye bindi twavuga :

  - Les stigmates
  - Lyaraguye libura ginanura
  - Twese nk'abitsamuye.

Basore rero namwe nkumi, MUSEKUYE ni umwe muli mwe; mwumve inama abagira muli aka gatabo; muzinyuze mu bwenge, muzishungure kugira ngo mwitegulire inzira mu minsi ili imbere.

Mugire amahoro.

MUSEKUYE Yonatani.-